PLURALISM

التعددية الدينية

Kwemera gukorera mu bumwe hatitawe ku bintu biba bifite uko bitandukanya abantu

للشيخ حسن الصفار

Shekhe Hasan Mussa Saffar

PLURALISM

التعددية الدينية

Kwemera gukorera mu bumwe hatitawe ku bintu biba bifite uko bitandukanya abantu

للشيخ حسن الصفار

Shekhe Hasan Mussa Saffar

الحقوق محفوظة. لا يجوز إعادة إنتاج أي
جزء من هذا المنشور أو تخزينه في نظام استرجاع
أو إرساله بأي شكل أو بأي وسيلة – إلكتروني
أو ميكانيكي أو نسخ أو تسجيل أو غير ذلك –
دون إذن مكتوب من الناشر.

© THE KOR'ANI & NAHAJU AL-BALAGHA & HADITHI PUBLISHING HOUSE IN RWANDA

All rights reserved. No part of this publication may be reproduced, stored in a retrieval system or transmitted in any form or by any means – electronic, mechanical, photocopying, recording or otherwise – without written permission from the publisher.

KWEMERA GUKORERA MU BUMWE
HATITAWE
KU BINTU BIBA BIFITE UKO
BITANDUKANYA ABANTU

© THE KOR'ANI & NAHAJU AL -BALAGHA & HADITHI PUBLISHING HOUSE IN RWANDA, 2020

©Uburenganzira kuri iki gitabo bwihariwe

na

THE KOR'ANI & NAHAJU AL- BALAGHA & HADITHI PUBLISHING HOUSE IN RWANDA

Kigali Rwanda

PLURALISM
KWEMERA GUKORERA MU BUMWE HATITAWE KU BINTU BIBA BIFITE UKO BITANDUKANYA ABANTU

Umwanditsi
Shekhe Hasan Mussa Saffar

Uwagihinduye mu Kinyarwanda
Shikali Haruna

Kigali Rwanda
Telephone: 0787397166
Email: shikalrun@yahoo.com

Ubugororangingo: Karemera Ngoga Elisha
Icapiro rya mbere: 1000
Uwagicapishije:

Shekh Hasan Mussa Saffar
P.O Box 1322, Qatif, Saudi Arabiya

Tel: +9663855521
Fax: +966385126

Website: www.saffar.org
Email: office@saffar.org
Saudi Arabia

Edisiyo ya mbere: 2019
Ibitabo 3000

Cyacapwe Na
Al-Itrah Foundation

B. P. – 19701,
Dar-es-Salaam, Tanzania
Tel: +255 22 2110640 / 2127555
Email: alitrah@yahoo.com
Website: www.alitrah.info

AMASHAKIRO

Intangiriro viii
Ubumenyi bwa seyanse bwemeranya
n'uko abantu bose bafite ibintu bimwe
na bimwe baba badahuriyeho 1

Hari uburyo bubiri bugaragaza ukuntu
abantu bafite ibintu batandukaniyeho,
n'umwihariko wabwo: 5

Kuba hari ibintu by'uburyo bwinshi bifite
ukuntu bitandukanya abantu bitewe nuko
baba batabihuriraho n'abandi, ni ikintu
cya ngombwa kandi kigomba kubaho
mu buzima byanze bikunze: 6

Abayoboke b'amadini, mazihebu n'amatorero
bitandukanye, baba bagomba kubana mu
mahoro no gukorera mu bumwe 7

Iriburiro 17

Mu by'ukuri se shekhe hasan mussa saffar ni muntu ki? 17

Kwemera kugendera ku ihame rya pluralism n'impamvu imikorere nk'iyo ari ngombwa kandi inakenewe cyane? 28

Icyakorwa kugira ngo umubano hagati y'abashiya n'abasalafu urusheho kuba mwiza 59

Ibyabereye muri iyo nama byari bigamije gutanga umurongo ngenderwaho, ntibyari bigamije gutuma izo mazihebu zombi hari zizibukura mu ibyo zemeraga: 68

Mbese umuntu yavuga ko imibanire hagati y'abashiya n'abasalafu hari igihe kizagera ikazarushaho kuba myiza kurusha uko bimeze ubu? 76

Impamvu ituma abashiya baharanira
kwegerana n'abasalafu, ishingiye ku
kuba icyo ari ikintu gikenewe cyane
muri isilamu, ntabwo ari impamvu
ishingiye kuri takitike 81

Gushishikazwa abayoboke b'amadini
atandukanye kubana mu mahoro,
mu bumwe no mu bwumvikane,
mu mwanya wo gushaka guhuriza
amadini atandukanye mu rugaga rumwe 91

Icyakabiri: 94

INTANGIRIRO

Aho umuntu yerekeje amaso ye hose kuri ino si, ahabona abantu n'ibintu biba bifite ibintu byinshi bidahuriyeho, kereka gusa ko umuremyi waremye ibiremwa byose, biri kuri iyi si no mu masanzure yayo, ariwe ufite ubumwe yihariye wenyine, kandi ni nawe wenyine ufite ubudasa bwe yihariye wenyine, ku buryo buhoraho iteka ryose kandi budashobora guhinduka n'igihe na kimwe. Niwe wenyine udafite ikindi kintu icyo aricyo cyose wamubangikanya nacyo, ngo icyo kintu nacyo ube wakita Imana, ntabwo yigeze abyara, kandi nta nubwo yigeze abyarwa, yewe niyo aza kuba yari afite ikindi kintu icyo aricyo cyose cyari kuba kibangikanye nawe mu bwami bwe, icyo gihe ibyo ntakabuza byaba bivuze ko ko na gahunda zose zifite aho zihuriye nabyo, ziba zarataye umurongo

Imana yonyine niyo yihariye ubumwe n'ubudasa byayo, naho ibindi bintu ibyo aribyo byose byo, iruhande rwabyo haba hari ibindi bintu biba bifite ukuntu bijya gusa nabyo, ariko na none ibyo bintu bigomba kuba biba bifite ibindi bintu biba bifite ukuntu bibitandukanya n'ibindi bintu bigenzi byabyo. Umuntu wese waba ashaka kwemera Tawuhidi (kwemera ko hariho Imana imwe rukumbi), ibyo ntabwo yashobora kubigeraho, kereka gusa mu gihe uwo muntu yaba anemera ko ibindi bintu ibyo aribyo byose, biba bigomba kuba bifite ibindi bintu ku ruhande, biba bifite ukuntu bijya gusa nabyo, na none kandi ariko, ibyo bintu bikaba biba bifite ibindi bintu iruhande rwabyo biba bifite ukuntu bibitandukanya n'ibyo bintu bigenzi byabyo bindi.

Ariko na none hari umuntu uwagerageza gushyira abantu bose mu gatebo kamwe, wenda akaba yashaka ko abantu bose bo kuri

iyi si babaho bahuriye mu idini imwe no mu kwemera kumwe, icyocyifuzo cy'uwo muntu cyaba gihabanye cyane na kamere muntu Imana yamuremanye igihe yamuremaga. Kamere muntu Imana yaremanye umuntu, ijyanye nuko n'ubwo ngo abantu bafite ibintu byinshi bahuriyeho nk'ibiremwa muntu, ariko na none hagomba kuba hariho ibindi bintu byinshi biba bifite ukuntu bibatandukanya, kandi intekerezo ya Kisilamu ivuga ko ubumwe butajya bugira ukuntu bugeraho ngo bwaguke maze buvemo ibintu byinshi biba bihuriye muri ubwo bumwe, ari ubumwe bw'Imana bwonyine, atari ubumwe bw'ibiremwa byayo.

Ahantu aho ariho hose hari ibiremwa biba bigaragarira amaso y'abantu, ibyo biremwa byaba ari inyamaswa cyangwa abantu, usanga ibyo biremwa byose, hagati yabyo haba hari ibintu biba bifite ukuntu bibitandukanya.

UBUMENYI BWA SEYANSE BWEMERANYA N'UKO ABANTU BOSE BAFITE IBINTU BIMWE NA BIMWE BABA BADAHURIYEHO

Muri gahunda ziba zifite aho zihuriye no kubangurira ikinyabuzima (cloning), hakoreshejwe gufata akaremangingo kacyo, kagaterwa mu inda ibyara y'ikigore y'ikindi kinyabuzima biba bidahuje ubwoko, kugira ngo kizabyare ikiremwa kizaba gifite ukuntu kijya gusa n'ikiremwa utwo turemangingo tuba twarakuwemo, ubu buryo bwatangiye gukoreshwa mu impera z'ikinyejana cya makumyabiri, nyuma y'uko mu mwaka 1996 hakoreshejwe gahunda yo kubangurira (cloning) intama, icyo gihe havukishijwe inyagazi y'intama yahawe izina rya (Dolly). Ikigaragara nuko n'ubwo iyo gahunda ijyanye no kubangurira ibiremwa muri ubu buryo bwa

(cloning), yakoreshwa ku bantu, ari ikintu kitashoboka ko havuka uruhinja rwaba rufite kamere zose n'imiterere yose, by'umuntu waba yarakuwemo akaremangingo kaba karakoreshejwe mu inda ibyara y'umugore.

Nyuma y'icyo gihe, nibwo byagaragaye ko abantu bafite ibintu byinshi badahuriyeho mu miterere n'imyifatire byabo, mu mitekerereze no mu imyitwarire yabo, kandi ko icyo kintu gikwiriye guhabwa uburemere kitari gisanzwe gihabwa. Umuprofeseri umwe w'Umunyairake witwa Dr. Mohammed al-Rubaie, wigisha muri kaminuza ya Birmingham, UK, yabivuzeho atya ati: «Ni ikintu kidashoboka ko uturemangingo tw'umuntu twabangurirwa mu inda y'undi muntu nkawe, hagamijwe gutuma havuka uruhinja rwaba rufite imiterere yaba ihuye neza mu buryo bwose nkiby'uwo muntu waba warakuwemo utwo turemangingo, kubera

ko ibyo biramutse bikozwe, abo baganga baba babikoze batashobora gukura muri uwo muntu (genetic materials): DNA zikora umurimo wo kubika no kubungabunga amakuru yose, aba afite aho ahuriye n'ibintu uruhinja ruba rwarakomoye ku babyeyi barwo, cyangwa ku bandi bantu bo mu muryango warwo, biba bifite aho bihuriye n'imiterere y'umubiri byabo, imico yabo, imyitwarire yabo, imitekerereze yabo, amasura yabo, n'ibindi bintu nk'ibyo.

Ku buryo haba harimo n'imiterere n'imyifatire byose umuntu aba yarakomoye ku bisekuru bye biba bimaze imyaka amagana n'amagana byarapfuye, maze ngo iyo gahunda ya (cloning) ikore neza hatagize ukuntu igira icyo yonona kuri DNA y'uwo muntu uba agiye gukurwamo akaremangingo ngo gaterwe mu wundi muntu, hagamijwe kugira ngo hazavuke uruhinja ruzaba rusa nawe, yego koko urwo ruhinja

rwashobora kuvuka rufite ishusho n'imiterere by'umubiri w'uwo muntu, ariko ntirwa shobora kurangwa n'imyitwarire ye 100% mu buryo bwose nk'uko tumaze akanya tubisobanuyeho.

Mu by'ukuri gahunda ya (cloning) iramutse ikoreshejwe ku bantu nk'uko ikoreshwa ku inyamaswa no ku ibimera, icyayivamo nuko havuka uruhinja rwaba rufite ishusho y'umubiri yaba ijya gusa neza n'iya nyiri akaremangingo, ariko hari ibindi bintu bitashobora kugaragara kuri urwo ruhinja, bitewe n'uko imyitwarire y'umuntu ku giti cye, iba igizwe n'ibintu byinshi umuntu aba yarakomoye ahantu henshi kandi hatandukanye, ku buryo hari ibyo umuntu akura muri nyababyeyi ya nyina umubyara, nk'uko na none hari ibyo akura ku muryango aba yaravukiyemo akanakuriramo, hamwe n'ibyo akura ku bintu no ku bantu bitandukanye biba bimuzengurutse mu buzima

bwe bwose, n'ibyo akura kuri se na nyina baba baramubyaye bakaba baba baranamureze, yewe hari n'ibyo aba yarakuye mu mashuri aba yarizemo, n'ibindi byinshi nk'ibyo.

Hari uburyo bubiri bugaragaza ukuntu abantu bafite ibintu batandukaniyeho, n'umwihariko wabwo:

Hari abamenyi mu iby'idini bamwe na bamwe bavuga ko ngo ibintu abantu baba batandukaniyeho biri mu buryo bubiri, uburyo bwa mbere bwabyo bugizwe n'ibintu karemano, umuntu aba yararemanywe akaba aba yanavukanye, ku buryo nta ruhare na ruto uwo muntu aba yaragize mu gutuma arangwa no kugira ibyo bintu, naho uburyo bwa kabiri bwo bugizwe n'ibintu umuntu aba arangwa nabyo adahuriyeho n'abandi bantu, umuntu agenda akomora ku bantu n'ibintu biba bimuzengurutse, cyangwa se ku ibintu umuntu ubwe ku igiti cye yihitiramo kurangwa nabyo,

bikaba umwihariko we, aba adahuriyeho n'undi muntu uwo ariwe wese, kandi ibyo bintu ashobre kurangwa nabyo, biba byaraturutse biba byaraturutse ku bushake bwe no ku mahitamo ye.

Kuba hari ibintu by'uburyo bwinshi bifite ukuntu bitandukanya abantu bitewe nuko baba batabihuriraho n'abandi, ni ikintu cya ngombwa kandi kigomba kubaho mu buzima byanze bikunze:

Ntagushidikanya ko ibintu by'uburyo bwinshi bitandukanya abantu bitewe nuko baba batabihuriraho n'abandi, ari uburyo karemano, abantu babanye nabwo ndetse bukaba bukomeje kubaranga no kubagaragaraho kuva igihe umuntu wa mbere yaremewe, kandi bizakomeza kubaho gutyo kuzageza igihe isi no kubaho kw'abantu bizagerera ku iherezo ryabyo. Ubu buryo bugaragara ku bantu, n'ikintu Imana yabashyiriyeho mu rwego rwo

kubagerageza, ngo irebe niba abantu bazajya bashobora gukoresha ibintu bibatandukanya mu buryo bumwe cyangwa ubundi, bagashobora kubibyaza umusaruro wo mu rwego rwo kuzuzanya hagati yabo.

Abayoboke b'amadini, mazihebu n'amatorero bitandukanye, baba bagomba kubana mu mahoro no gukorera mu bumwe

Allah ushobora byose yaremye isi, kandi amaze kuyirema yayishyizeho umuntu ngo ayitegeke, kandi ngo anayiteze imbere, kandi igihe Allah yari amaze kurema abantu yabashyize mu moko atandukanye, mu bihugu bitandukanye, kandi yanabahaye n'amabara y'imibiri atandukanye.

Ibintu abantu bagiye batandukaniraho, bishobora kuba indimi bavuga, umuco gakondo wabo, ibara ry'uruhu rwabo, amoko yabo, ndetse n'amadini cyangwa amatorero na za mazihebu baba babereye abayoboke, kandi kuri

ino si hari amadini, amatorero na za mazihebu byinshi cyane kuburyo butabarika, kandi usanga umuntu umwe ku igiti cye uba ari umuyoboke w'idini, cyangwa uw'itorero cyangwa uwa mazihebu, uwo muntu aba yumva ko ibyo aribyo biba bimushimishije, kubera ko abantu bafite umudendezo wo kwihitiramo amadini baba bumva bashaka kubera abayoboke, kandi bakaba bafite umudendezo wo kwihitiramo imyerere yo mu rwego rw'idini baba bumva ko baba bagomba gukurikira, kubera ubushake bw'umutima wabo.

Ariko ubundi nta cyakabaye gituma abantu bibona nkaho hari ibibatandukanya ku buryo batashobobora gukorera mu bumwe no kubana mu mahoro, uretse gusa ko niyo haba hari ukuntu baba biyumvamo ko hari ikintu cyaba gifite ukuntu kibatandukanya mu buryo bumwe cyangwa ubundi, mu by'ukuri icyo kintu kiba cyakabaye kireberwa gusa mu indorerwamo

y'ukuntu bamwe muri bo baba babayeho ari abakiranutsi, naho abandi bo ku rundi ruhande, bakaba batari abakiranutsi nk'abo bandi, maze ibyo akaba aribyo byonyine bashingiraho babona ko hari ukuntu batandukanye.

Nubwo Allah yashoje gahunda y'umuhagaro yahaga intumwa ze, akoresheje kugira intumwa nziranenge ya Isilamu Muhamadi intumwa ye yasozereje izindi ntumwa ze zose muri uwo muhamagaro, usanga kuri iyi si hari amadini, amatorero na za mazihebu bitandukanye, kandi biba bifite inkomoko nyinshi zitandukanye, n'ahantu ho ku isi ayo madini, amatorero na za mazihebu biba byarakomotse, naho ubwaho haba hatandukanye. Uretse n'amadini atatu akomeye ku isi bivugwa ko ariyo afite inkomoko yayo ku Imana, nka Isilamu, Ubukrisito, n'idini rigendera ku imyemerere ya Kiyahudi, hari andi madini menshi cyane, n'amategeko yo mu rwego rw'iyobokamana bitandukanye,

abantu bahitamo kuyoboka no gukurikiza, kandi hari abantu benshi cyane bagendera ku imyemerere yo mu rwego rw'iyobokamana itandukanye, nk'abagendea ku imyemerere ya Kibuda (Buddhism), imyemerere y'Abahindu (Hinduism), niy'Abasiki (Sikhism), n'indi myinshi. Ariko inshingano nyamakuru kandi ikomeye cyane abayoboke bayo madini, amatorero na mazihebu bose bafite, nuko bagomba kubaho bubaha abayoboke b'andi madini, andi matorero na mazihebu, ndetse bakanubaha n'imyemerere yabo, batabisebya cyangwa ngo babirwanye mu buryo ubwo aribwo bwose, bitwaje impamvu iyo ariyo yose, kubera ko Allah muri Kor'ani avuga ati:

"لَا إِكْرَاهَ فِي الدِّينِ قَد تَّبَيَّنَ الرُّشْدُ مِنَ الْغَيِّ
فَمَن يَكْفُرْ بِالطَّاغُوتِ وَيُؤْمِن بِاللَّهِ فَقَدِ
اسْتَمْسَكَ بِالْعُرْوَةِ الْوُثْقَىٰ لَا انفِصَامَ لَهَا
وَاللَّهُ سَمِيعٌ عَلِيمٌ"

yashobora kugutandukanya n'ikinyoma bitamuruhije). (Kor'ani 2: 256)

Ibi bisobanuye ko nta Muyisilamu uwo ariwe wese wemerewe kuba yahatira undi muntu uwo ariwe wese uba atari Umuyisilamu kuva mu idini ye ngo ahindukirire Isilamu, cyangwa ngo abe yamuhatira gutera umugongo ibyo aba asanzwe yemera mu buryo bumwe cyangwa ubundi.

Iyo abayoboke b'amadini, amatorero na mazihebu bitandukanye, babanye neza bagakorera mu bumwe no mu bwumvikane,

icyo ni kimwe mu bintu bikomeye cyane kandi by'ingirakamaro, bigira uruhare rukomeye cyane mu gutuma abo bantu babaho bumva bafite umutekano usesuye, kandi icyo kintu kigira n'uruhare mu kubafasha mu rugendo rw'iterambere, wongeyeho nuko kinabashoboza kubana mu mahoro nta rwicyekwe cyangwa guhangana biri hagati yabo, icyongeyeho kandi, nuko icyo kintu gituma abayoboke b'ayo madini, amatorero na za mazihebu, batishora mu muco mubi wo kwenderanya, gusuzugurana, no gusebanya hagati yabo. Iyo niyo mpamvu amadini bivugwa ko afite inkomoko yayo mu ijuru, abayoboke bayo baba bagomba kumva ko kuba baba babarizwa mu madini atandukanye, cyangwa mu matorero atandukanye, cyangwa muri za mazihebu zitandukanye, bibereyeho kugira ngo buzuzunye, bitabereyeho kugira ngo bahangane.

Kandi Abayisilamu ku buryo bw'umwihariko, iki gitekerezo bakabaye bagiha uburemere mu mitima yabo, kubera ko baramutse bemeye kukigenderaho no kugikurikiza, byabafasha kugira umurongo ngenderwaho mwiza, mu rwego rw'imibanire hagati ya mazihebu za Isilamu zitandukanye. Kandi hagati y'Abayisilamu n'abayoboke b'andi madini, baba abo mu madini bivugwa ko afite inkomoko yayo mu ijuru, cyangwa baba abayoboke b'amadini bivugwa ko yahimbwe n'abantu, bikwiriye kumvikana ko imibanire n'imikorere hagati y'Abayisilamu n'aba bantu bandi bose, bigomba kuba bishingiye ku bwuzuzanye, buba bufite ukuntu butavangirwa n'ikindi kintu icyo aricyo cyose, kandi no ku buryo buba busobanutse neza, kandi butarangwamo inenge iyo ariyo yose.

Reka dufate igihugu cy'Ubuhinde tukigire urugero rwo kureberaho uburyo abayoboke

b'amadini atandukanye mu igihugu cyacu cyangwa ahandi, bakabaye bitwara mu mikoranire yabo no mu mibanire yabo. Mu Buhinde hari amadini menshi cyane, kandi ikintu gishimishije cyane ku ibirebana n'Ubuhinde n'aya madini yabo, nuko usanga aho kugira ngo abayoboke b'ayo madini babe babayeho babeho bahangana, ahubwo usange babayeho bafite mu bumwe, babanye mu mahoro no mu bwumvikane, bumva ko buri umwe akeneye mugenzi we hatitawe ku ibibatanya mu rwego rw'imyemerere, kandi ibi bigira ingaruka nziza cyane ku iterambere ry'igihugu cyabo, bitewe nuko ibintu byose babikorera hamwe nk'abavandimwe, kandi bakaba bumva ko bahuriye ku kuba bose ari abantu, ku buryo baba bumva ko nta mpamvu iyo ariyo yose yatuma bitandukanya.

Kugira ngo kubaka ibihugu ndetse no kubiteza imbere, no kugira ngo igurudumu ry'iterambere

ry'ibyo bihugu rikomeza kugenda neza, ibyo byose biba bigomba kuba byubakiye ku imfatiro ziba zihamye kandi zinakomeye cyane, kandi zimwe muri izo mfatiro, ziba zigomba kuba zishingiye ku kuba abantu bo muri ibyo bihugu baba bumva ko bafite inshingano yo kubana nk'abavandimwe, bakabana bumva ko bose baba ari abantu baremwe n'Imana imkwe, kandi ko nta n'umwe muri bo uba afite akarusho ko kuba ngo aba ariwe umuntu kurusha mugenzi we, kandi bakumva ko baba bakwiriye kubana hashingiwe ku ibibahuza, kurusha uko babana hashingiwe ku ibiba bibatandukanya.

Abantu baba ari abaturage b'igihugu kimwe, baba bagomba kwemera kubana nk'abavandimwe, batitaye ku ibintu ibyo aribyo byose biba bifite ukuntu bibatandukanya, kubera ko batemeye kubana muri ubwo buryo, igikurikiraho ari uko muri icyo gihugu usanga hahora intambara n'amakimbirane by'urudaca,

mu mwanya w'uko baba bakabaye babanye nk'abavandimwe, mu bumwe, mu mahoro no mu bwuzuzanye.

Iyo abantu bo mu igihugu kimwe babanye mu mahoro, bubahana, bibona nk'abandimwe, imbaraga zabo zose bazihuriza mu gukora ibikorwa biba bijyanye n'iterambere, naho iyo babanye basuzugurana, barebana ayingwe, cyangwa bakabana hagati yabo hahora hari urwango, urunturuntu n'urwikekwe, izo mbaraga zabo barazitatanya, kandi ibyo bidindiza iterambere ryabo, cyangwa bikarangira basenye n'ibyo baba barashoboye kugeraho mbere yaho.

SHIKALI HARUNA
Hijiri: 17 Safar 1441
16 Ukwakira 2019
KIGALI Rwanda

IRIBURIRO

MU BY'UKURI SE SHEKHE HASAN MUSSA SAFFAR NI MUNTU KI?

Shekhe Hasan Mussa Saffar, ni umuturage kavukire w'igihugu cya Saudi Arabiya, kandi akaba atuye mu ntara yo mu burasirazuba bw'icyo gihugu. Ubu azwiho kuba ariwe utwaye ibendera ry'impuruza ivumera amatwara yo guhamagarira Abayisilamu n'abandi bantu batari Abayisilamu, kwemera kuba bamwe muri gahunda igamije gutahiriza umugozi umwe mu kwemera kwabo no mu ibyo bakora byose. Iyo mpuruza akoresha ahamagarira abayoboke b'amadini atandukanye kwitabira, kuba abikora atyo abiterwa n'urukundo afitiye Imana. Iyo mpuruza ya Shekhe Hasan Mussa Saffar by'umwihariko ikaba ihamagarira Abasalafu (Abawahabi) kubana neza n'abavandimwe babo b'Abashiya.

Mu by'ukuri se ni amaraso angana ate amaze kumeneka, ni n'abantu bangana iki bamaze gusagarirwa Bakaba banatotezwa, mbese ni imitungo ingana ite imaze kunyagwa cyangwa kononwa mu buryo bumwe cyangwa ubundi, ni n'imisigiti ingahe imaze gusenywa cyangwa gutwikwa, ni zakiriziya zingahe zimaze gutwikwa no gusagarirwa, ni insengero zingahe zimaze kusenywa no gutwikwa, bikozwe n'abantu baba bafite ingengabitekerezo, ubutagondwa n'urwago, biba bishingiye ku imyemerere y'amadini, ku matorero, no kuri za madhihebu baba babereye abayoboke, kandi umuriro wabyo ukaba wenyegezwa na shitani?!

Ikintu kibabaje cyane kurushaho ni uko abantu bakora ayo mahano nayo mamarorerwa, babikora bitwikiriye ikibaba cy'uko ngo ibyo bakora byose baba babikora mu inyungu z'amadini yabo! Mu gihe mu by'ukuri ibyo bakora biba bisebya amadini baba babereye abayoboke, kurusha uko biyahesha ishema,

ndetse bikaba binaysenya kurusha uko biyubaka. Bimwe mu bikorwa bikorwa n'izo ntagondwa, ni ibikorwa by'urugomo bikorerwa Abashiya bo muri Pakisitani.

Imana niyo yashatse ko habaho amadini, amatorero na mazihebu byinshi, kandi muri ayo madini, amatorero na mazihebu bitandukanye, harimo abantu bahamagarira abandi bantu kuyoboka Imana no kuyikorera, nk'uko ariko na none harimo n'abandi bantu bahamagarira abantu kuyoboka Shitani no kuba ariwe bakorera.

Imana niyo yashyizeho idini ya Isilamu, idini abayoboke bayo bakabaye barangwa kurangwa n'umuco wo guha abandi bantu amahoro, umuco wo gusabana, ubumwe n'ubwumvikane, hagati yabo n'abayoboke b'andi madini, amatorero na mazihebu. Idini ya Islamu, ifite inyigisho zishoboza abantu kugira iterambere mu buzima bwabo iyo bazishyize

mu bikorwa nk'uko bikwiriye, idini yabashije kujyana n'ibihe by'intumwa y'Imana, ibihe by'abakhalifa bahire, ibihe bya ba Umayade, na Abaside, ibihe by'Abafatimiya, ba, n'ibihe by'abami banyuranye bagiye bategeka ibihugu bitandukanye mu bihe bitandukanye, kugeza mu bihe by'ubutegetsi bw'Abauthumaniya, ndetse no kugeza magingo aya,kandi ikaba inakomeje guhangana mu buryo buzira gutsindwa n'inkubiri y'amajyambere adasanzwe yo mnsi ya none, no gufasha abantu gukemura ibibazo bagenda banyuramo mu bihe bitandukanye by'ubuzima bwabo, kandi nta gihe na kimwe kijya kigera ngo bigaragare ko Isilamu ari idini itakijyanye n'igihe.

Iyi ni idini y'ibihe byose, ni idini yashyiriweho abantu bose, ni idini y'isi yose, ku buryo nta muntu numwe ishyira iruhande, kandi nta n'uwo ibangamira, uretse ko bamwe mu bayoboke bayo, hari ukuntu wenda baba bashobora kugira uko babangamira abantu ku igiti cyabo ariko

ibyo bikaba biba bidakozwe na Isilamu. Bene aba bantu babuza abayoboke b'andi madini, amatorero na mazihebu amahoro, baba ari abantu mu by'ukuri baba badasobanukiwe icyo Isilamu aricyo neza, kandi ubwo bujiji nibwo butuma bafatira inyigisho n'amahame byayo hejuru, bikarangira babikoresheje mu buryo buba atari bwiza.

Iyo izo ntagondwa zibuza abantu amahwemo zibikoze mu izina ry'idini, zijya kuba zari zisobanukiwe neza amahame ya Isilamu n'intego zayo, byashimangirwaga bikaba byaranashyirwaga mu bikorwa n'Intumwa nziranenge y'Imana Muhammad mwene Abdillah (s.a.w.w), iyi ntumwa igihe habaga hari umuhakanyi cyangwa umubangikanyamana wabaga aje aho yabaga iri azanywea, azanywe no kwaturira imbere yayo shahada ebyiri; (Lailah ilallah, Muhammada rassulullah), ikintu uwo muhakanyi cyangwa umubangikanyamana

yakoraga agamije kugaragaza ko yabaga yemeye guhindukirira Isilamu akaba umuyoboke wayo, icyo gihe intumwa nziranenge y'Imana Muhamadi yemereraga uwo muntu ko kuva kuri uwo munota yabaga avuye mu inzira y'ubuyobe, ahindutse Umuyisilamu.

Tekereza nawe ukuntu uwo muntu yahitaga aba umwe mu Bayisilamu nta mananiza ayo ariyo yose amuhsyizweho, unatekereze ku kuntu uwo muntu yahitaga afatwa kimwe nk'abandi Bayisilamu bose, ndetse n'ukuntu yatangiraga gukorerwaga ibyo abandi Bayisilamu bose babaga bakorerwa, ndetse n'ukuntu yahabwaga ibyo abandi Bayisilamu bose babaga bahabwaga, kandi icyo gihe uwo Muyisilamu mushya yarabaga atari yanatangira kwiga uburyo Salat ikorwa, akaba yarabaga atari yakora Hija ngo abe yaratanze Zakat n'umunsi n'umwe, ndetse nta n'ikintu na kimwe uwo muntu yabaga

yarashoboye gushyira mu bikorwa cyabaga kijyanye n'inyigisho n'amahame bya Isilamu. Intumwa nziranenge y'Imana Muhamadi (S.A.W.W) yakundaga kubwira abigishwa bayo iti: "Twe ducira umuntu urubanza, tukagira n'ibyo tumushinja ko aba yakoze cyangwa ko aba atabikoze, dushingiye ku bintu bifatika aba yarakoze kandi biba bigaragarira amaso y'abantu, tudashingiye ku marangamutima yacu, cyangwa ngo bibe bushingiye ku bintu tuba dukeka ko biba bimuri mu mutima w'uwo muntu. Naho ibiba biri mu mutima we, ibyo byo tubirekera Imana, kubera ko ariyo yonyine ifite ubushobozi bwo kubimenya".

Intumwa nziranenge y'Imana Muhamadi (S.A.W.W) yari ibashije kuba yakwihorera ku bantu bayibuzaga amahoro no kubayirwanyaga, ariko kubera ko nyine yari itumwa y'Imana, kandi ikaba yari intumwa yari yaratumwe ku

bantu ngo ibagezeho ubutumwa bwashoboraga gutuma babaho bahana amahoro hagati yabo, banarangwa n'ubworoherane, no kwihanganirana hagati yabo, iyi ntumwa y'Imana niyo igihe kimwe ubwo yari imaze kubohoza Maka, yashoboye gufata mpiri abanzi bayo kandi bari barishe Abayisilamu benshi, ariko nyuma yo kubafata mpiri ityo, ikaba yarababwiye iti: "Ngaho nimujye aho mushaka hose, kubera ko kuva kuri uyu munota muhawe umudendezo, ku buryo nta nkurikizi iyo ariyo yose y'ibyo mwakoze muzahura nayo".

Iyi myitwarire n'uburere bihebuje byarangaga intumwa nziranenge y'Imana Muhamadi, ni nabyo mu by'ukuri bikomeje kuranga nyakubahwa Shekhe wacu Hasani Saffar, iyi myitwarire kandi, ikaba ari nayo imutera guhamagarira Abasalafu n'Abashiya kwemera kurushaho kwegerana no kubanirana neza

hagati yabo, si abo gusa Shekhe wacu Hasani Saffar ashishikariza kurangwa n'imyitwarire myiza nk'iyi, ahubwo anahamagarira Abasalafu, Abashiya n'Abasuni, kubana neza no kwegerana n'abavandimwe babo bo mu igihugu cya Omani, bazwiho ko ari abayoboke ba mazihebu ya Ibadhi. Ibyo byose abiterwa n'uko yemera ko Isilamu nta mbaraga yagira, mu gihe yaba idashingiye kuri izo nkingi eshatu, Ahalsuna barimo Abasalafu (Wahabi), abantu twavuga ko aribo gihimba cy'indege yitwa Isilamu, Abashiya twavuga ko ari bo baba ry'iburyo iyo ndege yitwa Isilamu ikoresha muri gahunda yo kuguruka, naho mazihebu ya Ibadhi yo ikaba ari ibaba ry'ubumoso iyo ndege yitwa Isilamu ikoresha muri gahundayayo yo kuguruka kwayo.

Muvandimwe Muyisilamu aho waba uri hose ndetse n'uwo waba uriwe wese, rwose kuba

habaho umubano mwiza hagati ya Shiya na Salafu na Ibadhi, ni ikintu gishoboka cyane igihe cyose buri umwe mu bayoboke b'izi mazihebu uko ari eshatu twavuzeho aha, yareka kurangwa n'urwango, akaba yanareka kugira ibintu biba bishingiye kuri mazihebu ye bidafite akamaro akomeza gutsimbararaho kandi wenda byatuma adashobora kwegerana n'abandi bayisilamu baba badahuje mazihebu.

Njye nemera ko buri kintu cyiza cyose umuntu ahura nacyo cyangwa ageraho, ndetse ko na buri kintu kibi cyose kiba ku muntu, ibyo byose bimubaho biba bivuye mu bushake bw'Imana. Kandi ko na buri mpuruza yose ivugwa hagamijwe kwita abandi Bayisilamu abakafiri, cyangwa ibyo bigakorwa hagamijwe kubiba inzangano, amacakubiri n'ubushyamirane mu bantu, biva mu bushake bwa shitani kandi ko ari nawe utegeka abantu gukora ibikorwa nk'ibyo.

Yewe wa Muyisilamu ukunda idini yawe we! Jya utinya Allah, kandi ibyo jya ubikora unubahiriza uburenganzira bwa Ahalul-bayiti (abo mu rugo rw'Intumwa) ndetse unubahiriza uburenganzira bw'abasahaba b'intumwa y'Imana, kandi jya unatinye Allaha wubahiriza uburenganzira bw'Abayisilamu bagenzi bawe bose, unubahiriza uburenganzira bw'igihugu cyawe, nubw'abatyurage bacyo, ntugahamagarire abandi bantu kwitabira gahunda iyo ariyo yose iba iri bukorwa hadashingiwe ku mugambi mwiza no ku rukundo, ubwumvikane, kwegerana no gusabana, kuko iyo ariyo mpuruza yonyine ihabwa umugisha na Allah, Intumwa ye, n'Ababyisilamu.

Muvandimwe Muyisilamu wo mu Rwanda, ndaguhamagarira kwitabira ibyo nyakubahwa Shekhe Hasan Saffar ahamagarira Abayisilamu bose kwitabira mu buzima bwabo bwose,

uzirikana ko impuruza yose ivuguruza iya nyakubahwa Shekhe Hasan Saffar, iba ari impuraza ya shitani, kandi ko iba ari impuruza iba ihabanye n'amahame n'inyigisho bya Isilamu.

Mana Nyagasani, tugire ababwiriza butumwa bahamagarira abandi bantu kwitabira kwegerana hagati y'abayoboke b'amadini, amatorero na za mazihebu z'Abayisilamu nkuko Shekhe Hasan Saffar abikora, amin Allah abidusaba.

Al-Qatifu Sawudi Arabiya
24/ Dhul-Qaada 1423

KWEMERA KUGENDERA KU IHAME RYA PLURALISM N'IMPAMVU IMIKORERE NK'IYO ARI NGOMBWA KANDI INAKENEWE CYANE?

Kwemera gukorera mu bumwe bikorwa n'abayoboke b'amadini aba afite imyemerere itandukanye, ni kimwe mu bintu bishamikiye kuri filozofiya iba ifite aho ihuriye n'amadini.

Muri iki igihe aho usanga ku isi hasigaye hari amadini menshi, kandi ayo madini akaba agendera ku imyemerere itandukanye, bisigaye ari ngombwa ko abayoboke b'ayo madini baba bakabaye bemera kurushaho gukorera mu bumwe, bakemera kubana mu mahoro no mu bwumvikane, umuyoboke w'idini imwe akemera gutega amatwi no guha agaciro ibitekerezo by'umuyoboke wo mu irindi dini, kandi iki ni ikintu muri iyi minsi ya noneabayobozi b'amadini atandukanye, basigaye bemeranyeho.

Iyi mitekerereze yo mu rwego rwa (pluralism), inyuze ubwenge cyane, kandi ni ikintu kigoye kuba umuntu yakwemeza itariki n'igihe cyo mu mateka abantu batangiye kuyigira mu bitekerezo byabo no mu mikorere yabo, imitekerereze yo mu rwego rwa (pluralism) mu by'ukuri yagize uruhare rukomeye cyane mu gutuma hari ibintu bimwe na bimwe byashoboye guhinduka mu mibanire y'abantu, ndetse no mu izindi nzego z'ubuzima zitandukanye harimo iza filozofiya, imibereho, iyobokamana, no mu rwego rwa politike. Imikorere nk'iyi ituma abantu baba ari abayoboke b'amadini atandukanye, cyangwa ari abayoboke b'amatorero na za mazihebu bitandukanye, cyangwa ari abayoboke b'amashyaka ya politike atandukamye, bemera gukorera mu bumwe, kubahana no kubana mu mahoro, kandi iyi mikorere yo mu rwego rwa (pluralism), nayo ubwayo yaje ari ingaruka zatewe n'ibitekerezo bitandukanye byabaga

bifitwe n'abantu bamwe na bamwe, kandi buri kimwe muri ibyo bitekerezo gifite inkomoko yacyo mu mateka arebana n'ukuntu ikiremwa muntu cyashoboye kugenda gitera imbere mu rwego rw'imitererereze no mu rwego rw'umuco n,,imyitwarire. Ariko nubwo bimeze gutyo bwose, uruhare rukomeye cyane rwatumye imikorere nk'iyi n'imyitwarire nk'iyi bibaho bikaba byaranashoboye gushinga imizi, rwagizwe n'abanyamadini babaga ari abamenyi n'inzobere mu rwego rw'ubumenyi bufite aho buhuriye n'iyobokamana. Ariko kugira ngo dushobore kumenya neza ibirebana n'imikorere yo muri uru rwego, byarushaho kutugirira akamaro turamutse tugerageje gusuzuma no kurebera hamwe iki gitekerezo dukoreshekhe imitekerereze iba ishingiye ku bumenyi bwo mu rwego rwa rwa Filozofi, ndetse n'ishingiye ku bumenyi bwo mu rwego rwa Sosiyoloji (Sosiology).

Mu mateka arebana n'ubumenyi bushingiye kuri Filozofi, no Social sciences (ubumenyi bufite aho buhuriye n'imibereho y'abantu muri rusange), hagaragazwamo ko kugira umuco wo kwemera kubana n'abandi bantu mu mahoro, mu bumwe no mu bwumvikane, hatitawe ku ibintu biba bifite uko bitandukanya abantu (pluralism), abantu bagiye baha uwo muco ibisobanuro bitandukanye, kandi ibyo bisobanuro nabyo ubwabyo bisigaye byarahawe ibisobanuro bitandukanye hashingiwe ku ikintu runaka kiba kigamijwe kuvugwaho, ku buryo bw'umwihariko. Kwemera gukorera mu bumwe no mu bwumvikane hatitawe ku kuba abantu baba bashobora kuba bafite imyitwarire itandukanye (moral or ethical pluralism), kwemera gukorera mu bumwe no mu bwumvikane hatitawe ku kuba abantu baba bashobora kuba bafite imico itandukanye (cultural pluralism), kwemera gukorera mu

bumwe no mu bwumvikane hatitawe ku kuba abantu baba bashobora kuba bafite amadini n'imyemerere bitandukanye (religious or theoglocal pluralism). Kugira ubushobozi bwo kumenya no gusobanukirwa neza ibirebana no kuba abantu baba bagomba kwemera gukorera mu bumwe, kabone n'iyo baba bafite imitekerereze itandukanye, aribyo mu rurimi rw'amahanga bita (philosophical pluralism), bidufasha kurushaho gusobanukirwa neza ibintu bitandukanye biba bifite aho bihuriye n'umuco wo kwemera kubana mu bumwe no mu bw'umvikane mu rwego rw'amadini no mu rwego rw'iyobokamana. Iyo akaba ariyo mpamvu tugiye kubanza kurebera hamwe icyo (philosophical pluralism) bishatse kuvuga, mbere y'uko turebera hamwe cyangwa dusesengurira hamwe ibirebana na wa muco wo kugira ubushake bwo kwemera kubana n'abandi bantu mu bumwe no mu bwumvikane,

hatitawe ku ibiba bibatandukanya mu rwego rw'idini no mu rwego rw'imyemerere ndetse no mu rwego rw'imibereho.

Igisobanuro cya (pluralism): Kugira umuco wo guhuriza hamwe abantu bakemera gukorera mu bumwe no mu bwumvikane, kabone n'iyo baba bafite ibintu bibatandukanya, kijyanye n'uko abo bantu baba bemeranya hagati yabo ko buri ruhande ruba rufite inshingano yo kuzajya rwubaha rukanubahiriza ibitekerezo by'urwo ruhande rundi rugenzi rwarwo ku ibirebana n'ikintu runaka cyangwa ku ibirebana n'igitekerezo runaka, igitekerezo kijyanye na (pluralism) umuntu yakirebera mu indorerwamo zitandukanye, kandi gifite n'ibice bitandukanye, aho usanga abantu batandukanye baba ari abayoboke b'imitwe ya politike itandukanye, kandi iyo mitwe ikaba iba igendera ku mahame n'ibitekerezo bitandukanye, cyangwa aho

usanga abantu baba ari abayoboke b'amadini atandukanye, kandi ayo madini atandukanye akaba aba agendera ku mahame yo mu rwego rw'iyobokamana atandukanye, cyangwa aho usanga abantu bo mu moko atandukanye baba bafite imico gakondo itandukanye, naho usanga abantu bemera amatwara yo mu rwego rw'ubukungu n'urwa politike biba binyuranye. Mugihe pluralism yo mu rwego rw'amadini n'iyobokamana yo, ijyanye nuko mu gihugu runaka abantu baho baba bafite umudendezo wo kuba bayoboka imyemerere yo mu rwego rw'iyobokamana itandukanye nk'uko baba babyifuza, kandi ibyo bigakorwa nta dini cyangwa itorero cyangwa mazihebu ibyo aribyo byose, ubutegetsi bw'icyo gihugu burutishije ikindi, ikindi kandi abayoboke b'ayo madini, cyangwa abayoboke b'ayo matorero n'izo mazihebu, baba bagomba kwemera gukorera mu bumwe no mu bwumvikane ku buryo busesuye.

Naho (pluralism) yo mu rwego rw'umuco yo, ijyanye nuko abantu baba ari banyamuke, n'abantu baba ari banyamwinshi, hashingiwe ku buke cyangwa ku bwinshi bw'abantu baba bagize ubwoko runaka, baba baremeye kubana mu bumwe mu mahoro no mu bwumvikane, n'abandi bantu baba ari benshi kubarusha ku buryo nta ruhande na rumwe muri izo zombi ruba rwumva hari ukuntu ruba rubayeho rwarakandamijwe n'urundi ruhande, cyangwa ngo habe haba hari uruhande

Ruba rushobora kwibwira ko ngo hari icyo ruba rurusha urwo ruhande rundi rugenzi rwarwo. Kandi buri ruhande muri izi mpande zose, ruba rwemerewe kugumana no kubungabunga ibyo ruba rwemera, byaba ibyo mu rwego rw'iyobokamana cyangwa byaba ibyo mu rwego rw'umuco, byaba ibyo mu rwego rw'indangagaciro, byaba ibyo mu rwego rwa idantite (ubudasa) byarwo.

Igihugu cy'Ubuhinde n'igihugu cya Leta Zunze ubumwe z'Amerika, ni ingero zifatika kandi zikomeye cyane abantu bareberaho uburyo umuco wa Pluralism washyirwa mu bikorwa, aho usanga abantu babana mu mahoro, mu bumwe no mu bwumvikane, n'ubwo bwose haba hari ibintu byinshi abantu bo muri ibyo bihugu baba batandukaniyeho. Mu gihugu cy'Ubuhinde, kuba abantu baho bemererwa kuba abayoboke b'amadini atandukanye n'imyemerere itandukanye, kandi bakaba babana mu mahoro, no mu bwumvikane, ni ikintu cyigaragaraza cyane kandi kidakunze kuboneka mu bindi bihugu byo hirya no hino ku isi. Abaturage bo mu gihugu cy'Ubuhinde usanga baba ari abayoboke b'amadini atandukanye nk'idini rizwi ku izina rya Gihindu (Hinduism), Ubukrisito, Isilamu, Ubusiki (Sikhism), Abajayinizime (Jainism), Ababuda (Buddhism), n'andi madini menshi. Ariko nubwo bimeze gutyo, aba Bahinde bose bemera

kuba mu gihugu kimwe babanye mu mahoro, mu bumwe no mu bwumvikane, kandi buri umwe aba yemera ko mugenzi we wo mu rindi dini aba afite umudendezo wo kuyoboka iyo myemerere ye yo mu rwego rw'iyobokamana nta nkomyi. Kandi uko ni nako bimeze mu gihugu cya Leta Zunze ubumwe z'Amerika, aho usanga Abanyamerika batandukanye, baba babarizwa mu moko atandukanye, baraturutse mu bihugu bitandukanye byo hanze ya Leta Zunze ubumwe z'Amerika, bityo rero bakaba baba bafite imico itandukanye, ibyo byose nta na kimwe muri byo kibabuza kubana mu mahoro, mu bumwe no mu bwumvikane nk'Abanyamerika baba bumva ko basangiye igihugu. Urundi rugero umuntu yatanga ku ibirebana na sosiyete z'abantu zemeye kugendera ku muco wa (pluralism), ni Turukiya, igihugu gihuriwemo n'abantu bafite imico itandukanye, kandi bakaba barakigiyemo baturutse ku imigabane y'isi itandukanye, ariyo

mugabane w'isi wa Aziya, n'umugabane w'isi w'Uburaya, ndetse n'Abanyafurika babayo babanye n'abandi bantu bo mu yandi moko mu mahoro.

Mbese kwemera kugendera ku muco wa pluralism bifite kamaro ki? Pluralism yo muri ubu buryo bwose tumaze kuvugaho aha, igirira abantu n'ibihugu akamaro kenshi, bitewe nuko abantu bo muri ibyo bihugu cyangwa bo muri ayo madini, babaho bumva bafite umudendezo usesuye wo kugumana ubudasa bwabo, nta muntu uwo ariwe wese cyangwa urwego urwo arirwo rwose bibavogereye ngo bibe byabahatira kwitandukanya n'ibiba bibaranga, kandi baba babona nkiby'agaciro cyane kuri bo, ariko hamwe n'ibyo byose, aba bantu nabo baba bumva ko bafite inshingano yo kwemera kubana mu mahoro n'abandi bantu bagenzi babo, nabo baba bafite ubudasa bwabo, buba budafite aho buhuriye n'ubwabo bantu bandi.

Reka duse n'abafata umwanya muto maze tuwukoreshe mu kureba no mugusuzumana ubwitonzi uko sosiyete ituzengurutse ibayeho. Ikibazo dukwiriye kwibaza ni iki gikurikira, Pluralism (umuco wo kwemera kubana mu mahoro, mu bumwe no mu bwumvikane hatitawe ku bintu biba bifite uko bitandukanya abantu), iri ku rugero rungana iki mu (Banyarwanda)? Mbese mu mashuri yo mu (Rwanda), hari ukuntu uyu muco wa pluralism uhagaragara? Ese mu inzego z'imirimo zitandukanye, no mu buzima bwacu tubayemo muri rusange nk' (Abanyarwanda), aho haba hagaragaramo uyu muco wa pluralism? Nubwo bwose sosiyete ziba zariyemeje kugendera kuri uyu muco wa pluralism, hari ibihe bimwe na bimwe ziba zishobora kugenda zihura n'ibibazo cyangwa imbogamizi bitandukanye, biba bishobora gutuma amatsinda y'abantu aba atandukanye aba agize iyo sosiyete, kuyabungabungira hamwe nk'abantu baba bafite umugambi

umwe wo kubana mu mahoro, byagaragaramo ibibazo, byatuma ndetse rimwe na rimwe abantu baba bagize ayo matsinda bashaka kubaho ntaho bahurira na bagenzi babo, bakaba bakwishyira mu kato, kubera imyumvire yabo y'ubutagondwa ituma baba bumva badashaka guhinduka, ngo bemere kubana mu mahoro no mu bwumvikane n'abandi bantu bo mu yandi matsinda. Ikintu cy'ingenzi kandi abantu bose bakwiriye kujya baha agaciro kubera ko ari ikintu cy'ingirakamaro cyane, nuko kwemera kugendara ku muco wa pluralism, bifite ibintu byinshi byiza bibikomokaho, kurusha ibibi byashobora kubikomokaho.

Pluralism, umuco wo kwemera kubana mu mahoro, mu bumwe no mu bwumvikane, kabone niyo abantu baba bafite ibintu byinshi biba bifite ukuntu bibatandukanya, umuntu yawurebera mu bice bitandukanye, ariko reka ahangaha tugire uko twibanda ku igice gisa

nk'igikomeye cyane kurusha ibindi bice byose bya pluralism:

1) Kwemera kubana mu mahoro, mu bumwe no mu bwumvikane, kabone niyo abantu baba bafite amadini, amatorero cyangwa na mazihebu biba bifite ukuntu biba bitandukanye baba babereye abayoboke. Iki gitekerezo kijyanye nuko ahantu runaka cyangwa mu gihugu runaka, abantu baho babarizwa mu madini, amatorero na mazihebu bitandukanye, bityo rero bakaba baba bafite imyemerere yo mu rwego rw'iyobokamana itandukanye baba baremeye kuyoboka, ndetse ubwo bakaba baba bafite amategeko baba bagenderaho mu kwemera kwabo, n'ibindi bintu byinshi bitandukanye, biba bibaranga, ku buryo aba bantu bose baba bagomba kwemera ko ari uko baba babayeho, kandi ko biba ari uburenganzira bwa buri wese muri bo kuyoboka idini cyangwa itorero, cyangwa mazihebu aba yumva yishimiye kuyoboka, nubwo bwose baba

babarizwa muri kominote imwe, cyangwa muri sosiyete imwe, cyangwa mu gihugu kimwe.

Icyakabiri: Ibi bivuze ko buri wese muri abo bantu, aba yumva ko afite inshingano yo kwemera kubaha no guha agaciro uko kuntu baba babayeho bafite ibintu bibatandukanya mu rwego rw'imyemerere.

Icyagatatu: Abantu bo muri sosiyete nk'izi, baba bagomba gushakira hamwe uburyo bw'imikorere n'imikoranire baba babona ko aribwo bwiza cyane, ku buryo buba butazatuma hagati yabo havuka imvururu n'amakimbirane, byaba bishingiye ku kuba baba ari abayoboke b'amadini atandukanye, bitewe nuko imyitwarire nk'iyo, iba ishobora guhungabanya umutekano wa sosiyete yose muri rusange.

Iki gitekerezo cya pluralism yo mu rwego rw'iyobokamana, kijyanye nuko buri muntu aba agomba kumva ko afite inshingano yo kwemera ihame rivuga ko nta muntu n'umwe

muri bo uba afite uburenganzira bwo kwigizayo mugenzi we, abitewe nuko ngo bababadahuje imyemerere yo mu rwego rw'idini, kandi buri muntu wese aba agomba kumva ko aba afite inshingano yo kwemera ihame rivuga ko imbere y'amategeko abantu bose bangana, kandi ko buri muntu wese muri iyo sosiyete aba agomba kwemera ko buri muntu wese aba afite umudendezo wo kugira ibitekerezo bye yihariye, nuwo kubitanga nk'uko aba abyifuza, ndetse nuwo kuba mu ihuriro iryo ariryo ryose aba yumva ko kuribamo aribyo biba bimushimishije, abantu bo muri sosiyete iba yemera kurangwa n'amatwara ya pluralism, baba bemera ko haba hagomba kubaho ibiganiro hagati y'abantu baba bafite imyemerere yo mu rwego rw'idini iba ifite ukuntu inyuranye, kandi ko nta n'umwe muri bo uba afite uburenganzira bwo kuba yashaka gushaka guhatira bagenzi be kwemera no kugendera ku ibitekerezo bye, no ku imyemerere ye.

Muri Isilamu, andi madini ntabwo ashyirwa iruhande, cyangwa ngo idini ya Isilamu ibe yashaka ko asenywa agakurwaho, nta nubwo Isilamu irwanya ko abantu bfite uburenganzira bwo kurangwa n'imico ndetse n'amahame byo mu rwego rw'idini, biba bifite ukuntu bitandukanye n'uko Isilamu yemera, ahubwo Kor'ani Nziranenge ifite icyo ibwira bene abo bantu mu buryo bugaragaza ko yemera uko baba babayeho n'ibyo baba bemera, kandi inabarekera uburenganzira bwo kuguma mu ibyo baba barahisemo kwemera, ku ibirebana n'ibi, Allah muri Kor'ani yaravuze ati:

لَكُمْ دِينُكُمْ وَلِيَ دِينِ

("Mwebwe mufite idini yanyu [muvuga ko] ariyo yonyine mwemera kubera abayoboke, nanjye mfite idini yanjye nemeye kubera umuyoboke [ku buryo nta yindi dini iyo ariyo

yose numva nakwemera kubera umuyoboke]"). (Kor'ani 109: 6)

Ibi bijyanye n,,ikintu intumwa nziranenge y'Imana Muhamadi yakoze igihe yari imaze gutsinda abanzi bayo yari yasakiraniye nabo mu mirwano yabereye i Badri, kandi abo bantu bose yari yatsinze muri iyo ntambara, bari ababangikanyamana, ariko ntabwo yabafashe ngo bamwe muri bo bari bafashwe nk'imbohe zo ku urugamba, abice, ahubwo yabaciye amande, maze arabarekura basubirana umudendezo wabo, kandi ntabwo yabahatiye kwinjira Isilamu, kandi uko ni nako yakoreye abantu b'i Maka ubwo yari amaze kuhigarurira, ahubwo abantu baho bari bafashwe nk'imbohe zo ku rugamba, yarababwiye ati: "Mbahaye rugari, bityo rero nimujye aho mushaka hose, kubera ko muhawe kubaho mufite umudendezo''.

Kandi uko ni nako yakoreye imbohe zo ku rugamba zari zafatiwe mu mirwano yabereye i Hinayini. Uku niko kuri kugaragara mu mateka y'intumwa nziranenge y'Imana Muhamadi, ndetse no mu mateka y'Abayisilamu bose muri rusange ku ibirebana na pluralism, uko ibihe by'amateka y'idini ya Isilamu byakomeje kugenda bisimburana. Nta ngabo iyo ariyo yose y'Umuyisilamu yari yemerewe kuba yakwica umuhakanyi uwo ariwe wese, mu gihe uwo muntu yari kuba yanze guhindukirira Isilamu, nyuma y'uko uruhande rwe rwabaga rwamaze gutsindwa ku rugamba.

Umuyobozi w'abemeramana Imamu Ali (A.S) yateye ikirenge cye mu iki intumwa nziranenge y'Imana Muhamadi, akora nk'ibyo yakoraga, ku buryo yubahaga abantu bose, akaba yarabahaga umudendezo n'uburenganzira byabo, ku buryo n'abantu bafatwaga nka banyamuke

muri sosiyete, babaga bari munsi y'ubutegetsi bwa Isilamu, nabo ubwo burenganzira n'uwo mudendezo babihabwaga.

Igihe ubutegetsi bwa Imamu Ali (A.S) bwari bumaze gukomera cyane, ndetse n'igihugu kikaba cyari kimaze kwaguka cyane, imbibi z'ahantu ubutegetsi bwe bwagarukiraga, zageraga kure cyane ku buryo zanageraga no mu gihugu cyigeze kwitwa Leta zunze ubumwe z'Abasoviyete, kugeza mu burengerazuba

bwa Afurika, ariko nubwo yari yarashoboye kugera kuri ibyo byose, ntabwo yigeze ahatira umuturuge uwo ariwe wese wo muri ibyo buhugu byose yabaga yaratsinze, yaranigaruriye, gutera umugongo imyemerere yabaga asanzwe agenderaho, ngo yinjire Isilamu. Ariko ahubwo ikinyuranyo cy'ibyo mu buryo budashobora gushidikanywaho, nicyo yakoraga, mu inkuru nyinshi za Isilamu zavuze ku butungane bwa ba

Imamu bo muri Ahalul-bayiti (A.S), na cyane cyane ku ibyabaga birebana n'amadini yabaga afite abayoboke bake cyane muri icyo gihe cyabo, zivugwamo ko abo ba Imamu bajyaga babwira Abayisilamu bati: "Abantu bose -batari Abayisilamu- mujye mubabanira bijyanye n'ibyo bemera''.

Imamu Ali (A.S) ndetse yakundaga kuvuga ati: "Abantu bose bafite umudendezo n'uburenganzira bwo kugira imyemerere yabo yo mu rwego rw'iyobokamana nk'uko baba bihitiyemo''. Kandi bivugwa ko na Imamu Hasani (A.S) yavuze ati: "Niba nta dini iyo ariyo yose wemeye kubera umuyoboke, ufite uburenganzira bwo kubaho nk'uko wabishatse uko, kuri ino si.'' Imvugo zavuzwe n'aba Imamu baziranenge bo muri Ahalul- bayiti (A.S) ku ibirebana n'uko ngo abantu bose bafite uburenganzira bwo kugendera ku imyemerere

baba bashaka nta gahato na gato bashyizweho, ni nyinshi cyane, ndetse n'abanyamategeko ba Kisilamu bashingiye ku ibivugwa muri Kor'ani no muri Suna, bashyizeho ihame rusange rivuga ngo: "Abantu bafite uburenganzira bwo guhitamo imyemerere yo mu rwego rw'iyobokamana bashaka iyo ariyo yose, ndetse n'ubwo gukoresha imitungo yabo nk'uko baba bumva babyifuza''.

1) Kuba Isilamu yemera ko n'andi madini afite uburenganzira bwo kubaho, muri sosiyete ziba ziri munsi y'ubutegetsi bwayo, ibyo bivuze ko Isilamu iha ayo madini umudendezo usesuye, wo gusenga no gukora imihango n'ibindi bikorwa byose bijyanye n'iyobokamana mu buryo buba buhuye n'imyemerere y'ayo madini, ndetse n'uko baba bafite umudendezo wo kubwiriza abantu imyemerere y'idini yabo, no gushyira mu bikorwa amahame,

amategeko, n'inyigisho byayo, muri sosiyete ziba ziri munsi y'ubutegetsi bwa Isilamu, nta gahato ako ariko kose gashyizwe kuri ayo madini n'ubutegetsi bwa Isilamu, ndetse nta no kuyavangira mu buryo ubwo aribwo bwose.

2) Pluralism yo mu rwego rwa mazihebu, cyangwa Pluralism yo mu rwego rw'amatorero: Pluralism yo mu rwego rwa mazihebu n„amatorero, bivuze ko mu idini imwe haba harimo mazihebu cyangwa amatorero bitandukanye, kandi izo mazihebu zose cyangwa ayo matorero yose, bikaba biba byemeranya ku ibirebana n'umuco wo gukorera mu bumwe no mu bwumvikane, igitekerezo kijyanye n'iri hamwe, gisobanuye gutya cyangwa kivuze gitya kiti: Ubuyobozi n'abayoboke b'izo mazihebu cyangwa amatorero, baba bagomba kuba bemeranya hagati yabo ko

izo mazihebu n'ayo matorero byose, kandi ko biba bifite uburenganzira bwo gukorera no kubaho muri sosiyete zabo, byumva bifite umudendezo usesuye wo gukora gahunda zabyo, nk'uko ziba zibyifuza, bakanemera ko baba bagomba kubana mu mahoro no mu bwumvikane muri sosiyete zabo cyangwa mu gihugu cyabo, mu gihe izo sosiyete cyangwa icyo gihugu, biba bigizwe n'abantu baba bafite mazihebu n'amatorero, bitandukanye.

Icyakabiri:

Nuko izo mazihebu zose, ndetse nayo matorero yose, biba bigomba kuba byemera ko muri sosiyete cyangwa mu bihugu biba bibarizwamo abantu baba bafite imyemerere iba itandukanye n'iyabo, bityo rero, bikaba biba bigomba kubaha imyerere y'abo bantu bandi, ndetse bikanubaha ibintu byose biba bifite ukuntu bibatandukanya na bagenzi babo, n'ibindi bintu

byose baba batavugaho rumwe cyangwa baba batabona kimwe.

Icyagatatu:
Ubuyobozi bw'izo mazihebu zose ndetse n'ayo matorero yose, biba bigomba kwicara hamwe, bigategurira hamwe umurongo ngenderwaho w'uburyo buzajya bukoreshwa mu gukumira amakimbirane n'imvururu biba bishobora kuvuka hagati y'izo mazihebu n'ayo matorero igihe icyo aricyo cyose, ku buryo ibyo biramutse bigaragaye byahungabanya umutekano w'abantu baba bagize izo sosiyete.

Igitekerezo kivuga ko abantu baba bafite imyemerere itandukanye baba bagomba gukorera mu bumwe no mu bwumvikane, kijyanye nuko abantu bo muri izo mazihebu zitandukanye, baba bemera ko buri wese muri bo hatitawe kuri mazihebu cyangwa itorero rye, nta numwe muri bo uba aifte uburenganzira

bwo kuba yakwigizayo mugenzi we baba badahuje mazihebu cyangwa itorero, cyangwa ngo abe yamuvutsa uburenganzira bwe bwo kugaragaza imyemerere ye no kuyamamaza mu bantu nta nkomyi, hamwe nuko bose baba bafite uburenganzira bureshya munsi y'amategeko, ndetse nuko buri wese muri bo aba afite uburenganzira bwo kugaragaza ibitekerezo bye.

Aha birakwiriye ko dushimangira ko kuba muri Isilamu harimo mazihebu n'ibice bitandukanye, ari ikintu gisanzwe, kandi kikaba kiboneka no mu yandi madini yose, yaba ari ya yandi bivugwa ko afite inkomoko yayo mu ijuru, ndetse nayo bivugwa ko yahimbwe n'abantu.

Mazihebu zitandukanye zigaragara mu idini ya Isilamu, iyazibanjirije ariyo (Shiya), yari iriho uhereye mu intangiriro za Isilamu, kandi amateka atubwira ko ngo kuva mu kinyejena cya mbere cya A.H. mazihebu zitandukanye

zakomeje kugenda zivuka imwe nyuma y'iyindi, uko ibihe by'amateka byakomeje kugenda bisimburana, ariko zimwe muri zo zikaba zitaragize amahirwe yo gukomeza kubaho, ndetse no ku buryo abayoboke bazo batigeze bagwira ngo babe benshi, kandi icyo ni kimwe mu bintu byatumye izo mazihebu zidashobora gukomeza gusagamba, naho mazihebu zashoboye gushinga imizi, zikaba zarashoboye gukomeza kubaho kugeza na magingo aya, zimwe mu izikomeye cyane muri zo, ni izi zikurikira:

A) Sunni cyangwa (Ashiariyah), igabanyijwemo mazihebu enye zikurikira: Hanafi, Shafi, Maliki, Hambali.

B) Shiya, nayo igabanyijwemo mazihebu eshatu zikurikira: Imamiyah ithinaa-ashariyah, Zayidiyah, na Isimailiyah.

C) Khawariji: Mu minsi ya none izwi nka Abadhwiyah.

Isomo dukuye muri ibi bintu byose tumaze kuvugaho aha, nuko pluralism yo mu rwego rwa mazihebu, ari ikintu gisanzwe, kandi kigaragara mu madini yose, kandi ko Isilamu nayo ubwayo itari hanze y'icyo kintu gifatwa nk'ihame mu mateka y'amadini yose, uhereye ku bihe by'amateka ya kera, ukageza no muri ibi bihe by'amateka ya none, nuko rero, abantu bagomba kumenya no kwemera nk'ukuri, ko nta muntu uwo ariwe wese washobora gukuraho mazihebu cyangwa amatorero bitandukanye n'ibice bitandukanye mu madini atandukanye, ku buryo mu mwanya w'izo mazihebu Abayisilamu bashobora gusigarana Isilamu imwe yaba itarangwamo mazihebu zaba zitandukanye.

Ariko kandi tugomba no kwemeranya hagati yacu ko ari ikintu gishoboka ko abantu bo muri mazihebu zitandukanye cyangwa amadini atandukanye, baramutse babishatse, bakwicara

hamwe bakajya inama kugeza igihe baba bemeranyije ku bintu byarushaho kubahuza kuko baba babihuriyeho, nk'uko baramutse

babishatse bakwiha umugambi wo kubaho bagendera ku muco wo kwihanganirana, no kubanirana mu mahoro kandi neza cyane hagati yabo, hatitawe ku bintu ibyo aribyo byose byaba bifite ukuntu bibatandukanya.

Umuco wo kutihanganirana mu buryo ubwo aribwo bwose, kurwanya ibitekerezo by'abandi bantu, no gukora ibintu mu buryo buba bugamije guhatira abandi bantu kwemera kugendera ku bitekerezo no ku mahame, bya mazihebu runaka iyo ariyo yose, cyangwa itorero iryo ariryo ryose, cyangwa amadini ayo ariyo yose, hakoreshejwe uburyo bwose, ndetse no kurwanya imyemerere n'ibitekerezo biba bifitwe n'abandi bantu bo mu izindi mazihebu,

cyangwa andi madini n'amatorero, ntacyo bitanga uretse gusa ko biteza amacakubiri, imvururu, no gusenya ubumwe buba bwakabayeho hagati y'Abayisilamu bayoboka mazihebu zitandukanye, ndetse bikanabaca intege, ndetse binatuma hagati y'Abayisilamu harushaho kugaragaramo umuco wo gusebanya no guteranya Abayisilamu, ikintu gituma ubumwe buba busanzwe buri hagati yabo burushaho gusenyuka, ndetse no hagati yabo hagatangira kumvikana amakuru y'ibihuha, aba agamije gutera Abayisilamu ubwoba, kandi n'igihe icyo aricyo cyose hagati yabo hakaba haba hashobora kuvuka intambara, ndetse rimwe na rimwe izo ntambara zikaba zishobora kuba ari mbi cyane, kandi nyamara nta shingiro ziba zifite.

Nta yandi mahitamo Ummah ya Isilamu ifite yatuma irushaho kunga ubumwe hagati

y'abayoboke ba mazihebu zayo ziyigize, uretse gusa ko abayobozi b'izo mazihebu mu buryo bwihariye, n'abayoboke bazo muri rusange, bagomba kwemera ko Abayisilamu

bose bizarushaho kubabera byiza igihe bazaba bemeye gukorera mu bumwe, babana mu mahoro no mu bwumvikane, n'ubwo hari ibintu bimwe na bimwe bifite ukuntu bibatandukanya, kandi uko ninako bikwiriye kuba bimeze hagati y'amadini n'amatorero bitandukanye bigendera ku imyemerere ya Gikrisito. Birashoboka cyane ko Ummah ya Isilamu yaba Ummah imwe yaba igizwe n'abantu baba bashyize hamwe mu buryo bwose, mu gihe bose uko bangana ubwo bumwe baba baburebera mu indorerwamo ya pluralism, aho buri wese muri bo aba agomba kurangwa n'umuco wo kubaho yemera ko Abayisilamu bose bafite inshingano yo kubana mu bumwe, mu mahoro no mu bwumvikane,

hatitawe ku ibintu bimwe na bimwe bifite ukuntu bibatandukanya, kandi ko bose baba bagomba kwemeranya hagati yabo ko idini baba bahuriyemo ari Isilamu nubwo bwose iba ikubiyemo mazihebu zitandukanye.

ICYAKORWA KUGIRA NGO UMUBANO HAGATI Y'ABASHIYA N'ABASALAFU URUSHEHO KUBA MWIZA

Amateka maremare ya Isilamu, yakunze kugaragaramo intambara nyinshi n'ubushyamirane, ahanini byabaga bishingiye ku kuba abayoboke ba mazihebu z'Abayisilamu zitandukanye barabaga batabona ibintu kimwe mu mitekerereze yabo, no ku kuba baba badahuje mazihebu baba babereye abayoboke, kandi aya macakubiri n'ubushyamirane, hari ukuntu byaremye umututu mu mibanire myiza ubundi yakabaye iranga kominote y'Abayisilamu mu ibihugu byacu, kandi urebye hari n'ukuntu aya macakubiri yaremye ikintu kijya gusa nk'intambara y'ubutima iba ishyamiranyije Abayisilamu hagati yabo ubwabo, kandi nyamara nta mwanzi uba yaturutse hanze ngo abatere.

Kandi usanga inyuma y'ubu bushyamirane haba hari ukuntu haba hihishe impamvu zo mu rwego rwa politike ku buryo bugaragara, aho usanga haba hari imbaraga zaba izo hanze mu y'igihugu cyangwa izo imbere mu igihugu, ziba zifite ukuntu zenyegeza umuriro w'amacakubiri n'umwiryane, kugira ngo Abayisilamu be kwita ku bintu ubundi biba bibafitiye akamaro, ahubwo imbaraga zose baba basanzwe bari bafite, bazimarire mu guhangana hagati yabo, maze ibyo bigatuma Abayisilamu bo mu igihugu kimwe cyangwa abo mu bihugu bitandukanye, batangira guhangana ndetse no kurwana hagati yabo ubwabo, kandi ibyo izo mbaraga zo hanze cyangwa izo imbere mu gihugu, zibikorera kugira ngo zibuze Abayisilamu guhuriza imbaraga zabo hamwe, muri gahunda ziba zigamije kurwanya abo banyembaraga baba bashaka kubigarurira, cyangwa ndetse baba baramaze no kubigarurira.Umuco wo

kutihanganira abandi, ugenderwaho hashingiwe ku kuba Abayisilamu baba ari abayoboke ba mazihebu zitandukanye, aho usanga abantu bo muri mazihebu imwe bashaka guhata abandi bantu bo mu izindi mazihebu, kugendera ku ibiterezo n'imyerere byabo ku gahato byanze bikunze, kandi nyamara abo bantu bo muri izo mazihebu zindi bo, bakaba baba badashaka kwemera no kuba batega amatwi abantu bo muri izo mazihebu zindi, ngo bumve ibitekerezo byabo, iyi niyo mpamvu nyamukuru ikunze gutuma hagati y'Abayisilamu hahora humvikana ndetse hanagaragara intambara n'amakimbirane by'urudaca.

Kuba mu idini ya Isilamu hagaragaramo mazihebu zitandukanye kandi zifite imyemerere itandukanye ku bintu bimwe na bimwe, ndetse no kuba Abayisilamu rimwe na rimwe batabona ibintu kimwe mu mitekerereze yabo, icyo ni

ikintu gisanzwe, kandi kigomba no kubaho muri ubu buzima bwacu, ariko ubundi kitakabaye giteza ibibazo hagati y'Abayisilamu, uretse gusa ko ibibazo Isilamu igenda ihura nabyo, biterwa nuko hari ukuntu usanga mazehebu zimwe na zimwe muri Isilamu zitoza abayoboke bazo kurangwa n'umuco wo kutihanganira abandi Bayisilamu bagenzi babo baba badahuriye kuri mazihebu imwe, ndetse tutirengagije n'uko muri Isilamu hari mazihebu imwe itoza abayoboke bayo ko Abayisilamu bo mu izindi mazihebu za Isilamu, baba ari abanzi babo. Iyi mikorere n'imyitwarire, ni ibintu bikwiriye gufatwa nk'ubunyagitugu, ndetse n'iterabwoba rikorwa hashingiye ku imitekerereze y'abantu bamwe na bamwe, ariko mu by'ukuri iba atari myiza.

Ummah yacu y'Abayisilamu mu bihe byahise yakunze kugenda ihura n'ibibazo byinshi kandi

bitandukanye, byabaga bishingiye ku guhangana byabaga bishingiye ku mitekerereze, kuri za idiyoloji (ideology), no kuri za mazihebu, kandi ibi bibazo hari ukuntu byayigizeho ingaruka mbi mu bihe by'amateka byahise, dufashe urugero nk'ihangana ryabayeho hagati ya mazihebu yitwaga Jaburiyah, n'iyitwaga Kadiriyah, n'iryabayeho hagati ya mazihebu yitwaga Murujia, n'izindi mazihebu zitavugaga rumwe nayo, n'ihangana ryabayeho hagati ya mazihebu yitwaga Ashaairah (Ahal-Suna) na mazihebu yitwaga Muutazila. Kandi zimwe mu ingaruka zabayeho zitewe n'iri hangana, n'uko haje kwaduka inkubiri yari ishingiye ku igitekerezo cyavugaga ko ngo Kor'ani ya ikiremwa nk'ibindi biremwa byose byaremwe n'Imana, ngo ibyo Allah akaba yarabikoze akoresheje gutegeka ko mu igihe runaka habaho amagambo yo muri Kor'ani, cyangwa ko binashoboka cyane ko Kor'ani idafite igihe

yatangiriye kubaho, ahubwo ko yabayeho iteka ryose, kugeza igihe Allah yayishyiriye mu mutima w'intumwa nziranenge y'Imana Muhamadi (Sal-Allaahu 'alayhi wa Aalih wa Sallam). Kandi indi ngaruka mbi cyane yabayeho muri Isilamu itewe n'uko guhangana, ni amakimbirane igike kimwe cyo mu mateka yabaye hagati y'abayoboke ba mazihebu zabaga zishingiye ku mategeko y'idini, nk'ubushyamirane bwari hagati y'abayoboke ba mazihebu y'Abahanafi, na mazihebu y'Abashafi ndetse n'Abahambali.

Aya makimbirane kandi yakomeje kuba mabi cyane mu binyejana bitandukanye byahise, idini yashoboye kuyarenga, ku buryo Abayisilamu basigaye bayavuga nk'ibintu byabayeho mu mateka ariko bitagifite uburemere, hari n'abandi bayafata nk'ibitekerezo by'abantu bisigaye bisomwa mu bitabo by'unkuru n'amateka byakera gusa, n'ubwo umuntu atabura kuvuga

ko bitabuze kugira ingaruka zimwe na zimwe zitari nziza mu mitekerereze y'Abayisilamu ba mazihebu zitandukanye no ku mibinire yabo, ariko mu by'ukuri, aya mateka n'amakimbirane byagiye bigaragara muri Isilamu mu bihe byahise, ubu aho ibihe bigeze muri iyi minsi ya none nta kibazo gikomeye byari bikwiriye kuba bigiteza hagati y'abayoboke ba mazihebu za Isilamu zitandukanye, ku buryo byaba ngombwa ko bajya bageraho bagahangana bakanajya impaka z'urudaca kandi zisenya, ku bintu bitari ngombwa.

Amakimbirane no guhangana bikomeje kugaragara hagati y'Abasuni n'Abashiya, nibyo bikomeje kurema icyuho cyagutse cyane mu rukuta rw'ubumwe ubundi bwakabaye bugaragara hagati ya Ummah y'Abayisilamu ku isi yose, kandi iki cyuho nicyo gikomeje gutanga umwanya ukomeje kunyurwamo

n'umuyaga uhuhwa n'abanzi ba Isilamu baba bashaka gushyushya imitwe y'Abayisilamu, nk'uko kandi na none uwo mwanya unyurwamo n'imigambi mibi iba icurwa n'abanzi ba Isilamu, bacura bagamije gusenya ubumwe bwa Ummah y'Abayisilamu.

Hari impirimbanyi z'abamenyi bamwe na bamwe b'Abashiya nab'Abasuni, bari babayeho muri icyo gihe baharanira kugorora ibyo babonaga nk'ibyari bigoramye muri Isilamu hagati y'abayoboke ba mazihebu ya Suni n'ya Shiya, mu intangiriro z'iki kinyejana, bafashe icyemezo cyo gusesera muri wa mwanya abanzi ba Isilamu bari bamaze igihe banyuramo, bakaba barakoze ibyo bashoboraga gukora byose kugira ngo uwo mwanya bawuzibe, bitewe nuko byagaragaraga ko wari ukomeje kunyurwamo na barusahurira mu induru babaga bashaka kurema amacakubiri yabaga ashingiye kuri mazihebu.

Kimwe mu bintu bigaragara byavuye mu bikorwa by'izi mpirimbanyi z'Abashiya n'Abasuni, nuko mu myaka ya za mirongo itanu mu kinyejana cya makumyabiri, i Cairo mu gihugu cya Misiri habereye inama yari yahuriwemo n'abantu bari baje guserukira izi mazihebu zombi, iyo nama ikaba yarakorewemo ibiganiro byari bigamije guhuza izo mpande zombi no kugarura ubumwe hagati yazo, nk'uko na none muri iyo nama hafatiwemo icyemezo ko Abasuni n'Abashiya bagombaga kwita gusa ku ibintu bahuriraho, aho kwita ku bintu bibatandukanya, naho ibyo baba batavugaho rumwe byo, bakabishyira mu rwego rw'ibitekerezo bitangwa n'abamenyi, hashingiwe ku buryo baba babona ibintu bimwe na bimwe mu idini ndetse no ku buryo baba babisobanukiwe mu buryo buba butandukanye n'uko bagenzi babo bo mu iyindi mazihebu baba babibona.

Ibyabereye muri iyo nama byari bigamije gutanga umurongo ngenderwaho, ntibyari bigamije gutuma izo mazihebu zombi hari ibintu bimwe na bimwe mu ibyo zemera zizibukura:

Umusaruro wavuye muri iyo nama yabereye i Cairo, ujyanye nuko ayo makimbirane n'ubwo bwumvikane buke, ubu magingo aya hakaba hari ukuntu byacubijwe, kuko hagati y'izi mazihebu zombi (Sunni na Shiya), ubu hasigaye hagaragara imibanire n'imikoranire byiza kandi ku rugero rushimishije. Ikigaragaza ko hagati y'izi mazihebu zombi (Sunni na Shiya), hasigaye hari imibanire n'imikoranire byiza, nuko hari ahantu hamwe na hamwe usanga haba hari imishinga imwe n'imwe, izi mazihebu zombi ziba zihuriyeho mu inyungu z'abayoboke bazo muri rusange, kandi ibi bikaba bitanga icyizere ko ari ikintu gishoboka cyane ko hari igihe kizagera maze Ummah

y'Abayisilamu igashobora kwitandukanya n'iki kibazo cy'amacakubiri, bidakozwe mu buryo buzatuma hari mazihebu yo ku ruhande rumwe bizaba ngombwa ko yumva ko ariyo yonyine izaba ifite ububasha n'uburenganzira bizaba biyemerera guhata abayoboke ba mazihebu yo ku rundi ruhande, kugendera ku bitekerezo byayo no ku mahame yayo, ahubwo ibyo bikaba byagerwaho hashingiwe ku mirongo ngenderwaho ikurikira:

- Kwemeranya ko hashyirwaho kaminuza imwe yajya ihurirwamo n'abanyeshuri ndetse n'abarimu babo bo ku mpande zombi.
- Kwemeranya ko no mu gihe haba hari ibintu bimwe na bimwe mazihebu zombi zaba zifite ukuntu zitavugaho rumwe, ibyo bibazo biba bigomba gukemurwa binyujijwe mu biganiro nkemurampaka

- Gushyira imbaraga nyinshi mu gufatanya no no mu gukorera hamwe ku bintu bitandukanye mu inyungu za Isilamu n'Abayisilamu muri rusange, hatitawe ku inyungu za mazihebu imwe, ngo habe hakwirengagizwa inyungu z'iyindi mazihebu.

Ariko hari ibintu bimwe na bimwe bikorwa n'Abasuni bigatuma imitwe y'Abashiya ishyuha, nk'uko ariko na none hari n'ibintu bimwe na bimwe bijya bikorwa n'Abashiya, bigatuma imitwe y'Abasuni ishyuha, ibyo byose bikaba bituma umugambi mwiza wari ufitwe na ziriya mpirimbanyi utagerwaho, ahubwo hagati y'izi mpande zombi hakaba hakomeje kugaragara ubwumvikane buke no kutavuga rumwe ku bintu no ku bibazo bitandukanye, bifite aho bihuriye n'idini, kandi ibi nta kindi bimara uretse gusa ko bica intege iterambere rya Isilamu, kandi kimwe mu bintu bikunze kuvangira uwo mugambi mwiza wari ufitwe

na ziriya mpirimbanyi, ni urunturuntu rukunze kugaragara mu mubano uri hagati y'Abasafu, bazwi cyane ku izina rya Wahabi, n'Abashiya.

Ishuri cyangwa mazihebu by'Abasalafu (Wahabi), rifite ijwi ryumvikana cyane kandi rifite n'imbaraga muri mazihebu ya Sunni, bitewe n'uko iryo shuri rifite ububasha buhagije mu rwego rw'amafaranga, atuma rishobora kwigarurira ibitekerezo by'Abayisilamu baba ari abayoboke b'ishuri rya Sunni. Iryo shuri cyangwa mazihebu ya Salafu (Wahabi) rifite umwihariko w'uko rikoresha imbaraga nyinshi cyane n'igitugu, muri gahunda ziba zigamije gucengeza ibitekerezo n'amatwara byaryo mu mitwe y'abayoboke b'izindi mazihebu, iyo ikaba ariyo mpamvu iri shuri ry'Abasufi (Wahabi) rirwanya ryivuye inyuma gahunda zose ziba zigamije kurema ubwumvikane hagati y'Abasuni n'Abashiya ku buryo bufatika kandi bugaragara.

Dr. Nasiri bin Abdullah Al-Qaffari mu igihe cyashize kandi kitari n'icyakure, inyandiko ye yateguye yari ikubiyemo inyigo yari yakuye mu bushakashatsi yari amaze igihe akora, ku ibirebana n'imibanire yakabaye igaraga hagati ya Sunni na Shiya, kandi iyi nyigo yayisohoye yanditswe mu mizingo ibiri y'ibitabo, byacapishijwe kenshi no mu bihe bitandukanye, muri iyo nyigo yavuzemo ko impuruza iyo ariyo yose yavugwa n'umuntu uwo ariwe wese waba agamije guhamagarira Abasuni n'Abashiya gukorera mu bumwe no mu bwumvikane, ndetse no kwirinda ibintu ibyo aribyo byose biba bishobora kutandukanya ahubwo bakaba baharanira guhirira ibyaba bishobora kubahuza, iyo mpuruza iba igomba gufatwa nka Bidaa, abantu baba bagomba kurwanya bivuye inyuma, kubera ko ngo impuruza nk'iyo nta kindi iba igamije uretse gusa ko ngo iba igamije gufata ubukafiri n'ububuramana ikabyambika umwambaro

wa Isilamu, utuma ubantu bamwe na bamwe babifata nk'ibintu byemewe! Uyu Dr. Nasiri bin Abdullah Al-Qaffari yakomerejeho aravuga ati: "Iyi mpuruza igamije gutuma Abashiya n'Abasunni barushaho kwegerana no gukorera mu bumwe, nta kintu kizima yigeze igezaho Abasuni, ahubwo ko icyayivuyemo ari uko Suni aribo bakomeje kuyihomberamo cyane, mu buryo ubwenge bw'umuntu uwo ariwe wese butashobora kubyumva no kubisobanukirwa, uretse gusa ko abashobora gusobanukirwa icyo gihombo Sunni ikomeje guhura nacyo, ari amako y'Abarabu atandukanye akomeje kwitabi iyo mpuruza ivuga ko ngo Suni na Shiya bagomba kwegerana bakanarushaho gukorera mu bumwe, bisanga abenshi muri abo Barabu babarizwa muri ayo moko, barafashe icyemezo cyo guhindukirira Shiya, akaba ariyo bemera kubera abayoboke!"

Aya magambo yavuzwe na Dr. Nasiri bin Abdullah Al-Qaffari, agaragara nk'atangaje cyane ku buryo budasanzwe, kandi agaragaza ko impamvu nyamukuru ituma hari Abasalafu n'Abasunni bamwe na bamwe bajya bakunda kurwanya ko hagati ya Suni na Shiya habaho kwegerana n'ibiganiro byatuma barushaho kugira ubwumvikane, babiterwa n'ubwoba baba bafite mu mitima yabo bw'uko ngo mu gihe Abasuni bakwemererwa kwegerana n'Abashiya cyane, byajya birangira Abashiya bashoboye kwigaruri imitma y'Abasunni, ibyo nabyo ngo bikaba byarangira abo Basuni bahindukiriye Ubushiya, bakaba abayoboke babwo! Ariko se ubundi ni ukubera iki umuntu yakwibwira ko ngo Abashiya aribo bonyine bafite ubushobozi butuma bashobora kwigarurira imitima y'Abasuni, nyamara ngo bikaba bitaba ikinyuranyo cy'ibyo, ku buryo kwegerana no kwivanga hagati y'impande zombi (Suni na Shiya) byajya birangira

Abasuni aribo bashoboye kwigarurira imitima y'Abashiya? Mu busanzwe, abantu baba bafatwa nka banyamuke, nibo bakunze gutinya kuba bayengera mu kivunge cy'abantu baba ari nyamwinshi mu gihe baba bemeye kwegerana nabo no kwivanga nabo, igihe baba bemeye gusenya inkuta ziba zisanzwe zibatundukanya, ziba zarubatswe hagati y'izo mpande zombi.

Ariko ku rundi ruhande, hari ukuntu usanga Abashiya hari igihe bakora ibintu mu buryo buba bushobora gushyushya imitwe y'Abasalafu, hashingiwe ku kuntu Abashiya bakunze kwandika no guha Abayisilamu ibitabo byinshi cyane, biba bifite ukuntu bigaragaza ubuyobe bufitwe n'abayoboke b'ishuri ry'Abasalafu, na cyane cyane ibyo bitabo bikaba bikunze kurushaho gushyushya imitwe y'Abasalafu, iyo mu wanya wo kubita Abasalafu, babise Abawahabi, kubera ko iri zina ry'Ubuwahabi, Abasalafu ubwabo batarikunda na gato!

MBESE UMUNTU YAVUGA KO IMIBANIRE HAGATI Y'ABASHIYA N'ABASALAFU HARI IGIHE KIZAGERA IKAZARUSHAHO KUBA MYIZA KURUSHA UKO BIMEZE UBU?

Ntagushidikanya ko Ummah y'Abayisilamu ifite ikibazo kiyugarije cyane ndetse kikaba kinayibangamiye cyane muri iki gihe cya none kurusha uko byigeze kubaho mu bihe byahise, kandi ibibazo Ummah y'Abayisilamu ikomeje guhura nabyo muri iki gihe, ntibyigeze kubaho mu mateka ya Isilamu ku rugero rungana n'urwo biriho muri iki gihe! Kandi iri shuri cyangwa mazihebu y'Abasalafu, ari naryo rifatwa nk'ipfundo ry'ibi bibazo byose byugarije Isilamu muri ibi bihe bigoye cyane Isilamu ikomeje kunyuramo, hashingiwe ku kuba ishuri (mazihebu) ry'Abasalafu, ari rimwe mu bice bigize iyi Ummah y'Abayisilamu, bitewe

n'imyitwarire n'imikorere itari myiza bikomeje kuranga abayoboke b'iri shuri ry'Abasalafu, kandi ibyo bikaba aribyo bikomeje kuba intandaro y'akaga n'ibibazo bikomereye Isilamu mu minsi ya none, ibi bibazo n'aka kaga biterwa n'ishuri ry'Abasalafu, bikaba bikomeje gutuma Isilamu iba intego umwanzi wa Isilamu uwo ariwe wese ateraho amacumu n'imyambi uko aba abishatse, haba ku rwego mpuza mahanga cyangwa haba ku rwego rw'akarere ako ariko kose ko ku isi kaba gatuwemo n'Abayisilamu, baba benshi cyangwa baba bake.

Mu by'ukuri kugira ngo iri hurizo ryugarije Abayisilamu cyane ritya, ribe ryashobora gukurwaho, bisaba ko abayoboke b'iri shuri (mazihebu) ry'Abasalafu bavugurura uburyo babanira Abayisilamu bo mu yandi mashuri y'idini azwi ku izina rya mazihebu, kandi bagahindura n'imyitwarire bigaragara ko itari shyashya mu buryo bumwe cyangwa ubundi.

Ikintu umuntu uwo ariwe wese atashobora gushidikanyaho ku ibirebana n'ukuntu amakimbirane, guhangana n'ubwumvikane buke bigaragara hagati ya Ummah y'Abayisilamu, ari ikintu kigira uruhare rugaragara cyane mu kubuza iyi Ummah y'Abayisilamu kugira ubushobozi bwo guhangana n'ibibazo by'ingutu igenda ihura nabyo, uko ibihe by'amateka bigenda bisimburana, ahubwo kikaba gicira abanzi ba Isilamu icyuho banyuramo, kikaba gituma bashobora gukina amakarita atuma Abayisilamu bakomeza guhangana no gushyamirana hagati yabo, ibi bikaba bikwiriye kugaragariza buri Muyisilamu uwo ariwe wese ko mu igihe Abasalafu bakwemera guha akaboko abayoboke b'izindi mazihebu za Isilamu, bakemera gukorana nabo no kubana nabo mu bumwe no mu bwumvikane, icyo aricyo kintu cy'ingenzi cyane kandi cy'ibanze cyane umuntu wese uuvuga ko afite ubwenge n'ibitekerezo bizama, yakabaye yemera gukora nta shiti.

Ikintu kitajya gitangaza cyangwa ngo gitungure umuntu uwo ariwe wese, ni ukubona ukuntu hagati y'abantu bagendera ku imyemerere ya Kiyahudi, n'abagendera ku imyemerere ya Gikrisito, bagenda barushaho kwegerana no gukorera mu bumwe umunsi ku wundi, kandi aba bantu baba ari abayoboke b'amadini abiri ahabanye cyane, ku buryo anafite inyigisho zifite ukuntu zigenda zivuguruzanya, kandi hanashingiwe ku kuntu hagati y'aya madini yombi hari amacakubiri ku buryo bwagutse cyane kandi bukaba bunimbitse cyane, no kuba hagati yayo madini yombi hakunze kugaragara ihangana n'ubushyamirane, uko ibihe by'amateka byakomeje kugenda bisimburana, ariko hamwe n'ibyo byose, abayoboke b'aya madini yombi bakaba barashoboye kurenga ibyo bibazo byajyaga bibatandukanya, none ubu bakaba basigaye begerana bakanakorera mu bumwe, babitewe n'uko ngo hari ibibazo

bimwe na bimwe bibugarije kandi mu by'ukuri babona ko bahuriyeho! Mu gihe nyamara twebwe nk'Abayisilamu twananiwe kurenga ibibazo bidutandukanya, tukaba twarananiwe no gukora ikintu icyo aricyo cyose cyatuma turushaho kwegerana, mu gihe nyamara turi abayoboke b'idini imwe ya Isilamu, tukaba turi n'abayoboke b'intumwa y'Imana , kandi iyo ntumwa akaba ariyo Muhamadi bin Abdallah (S.A.W.W), ariko n'ubwo bwose hari ibintu byinshi duhuriraho nk'Abayisilamu, turacyakomeje kugarizwa n'ikibazo cy'amacakubiri no kudashaka kwegerana! Kandi rwose turamutse twemeye kubaho dukorera mu bumwe nk'Abayisilamu bahuriye kuri biriya bintu byose, ibyo byadufasha gushobora guhangana ndetse no gutsinda ingorane n'ibibazo byinshi ubu byugarije Ummah y'Abayisilamu.

IMPAMVU ITUMA ABASHIYA BAHARANIRA KWEGERANA N'ABASALAFU, ISHINGIYE KU KUBA ICYO ARI IKINTU GIKENEWE CYANE MURI ISILAMU, NTABWO ISHINGIYE KU IMPAMVU ZO MU RWEGO RWA TAKITIKE

Hatitawe ku impamvu zaba zishingiye kuri politike, cyangwa ngo habe hashingirwa ku inyungu ziba zishobora kugerwaho hifashishijwe imikorere imwe n'imwe yo mu rwego rwa takitike1 (tactical practices), byaba biterwa n'ibibazo ubu Abayisilamu bakomeje kunyuramo, ikintu kigaragara kandi cy'ingenzi cyane ku buryo cyakabaye gituma Abasalafu bagarura ibitekerezo n'ubwenge byabo ku igihe, ni ikibazo kirebana n'ukuntu umuntu aba akwiriye kwitwara ku birebana n'ibiterekezo

[1] -Takitike (tactical practices): Ni uburyo cyangwa gahunda umuntu akoresha kugira ngo bimushoboze kugera intego ze.

bya mugenzi we, kandi mu by'ukuri wenda biba bifite ukuntu binyuranye n'ibye; abavandimwe bacu b'Abasalafu bakwiriye guhindura imyitwarire yabo ku ibirebana n'uburyo babayeho bafata ndetse banabona ibitekerezo biba bifitwe n'abayoboke b'izindi mazihebu, haba mu rwego rw'ibitekerezo byabo biba bifite aho bihuriye n'idini ku buryo bw'umwihariko, cyangwa haba ku bintu ibyo aribyo byose baba bavugaho cyangwa baganiraho n'abandi Bayisilamu baba badahuje mazihebu nabo.

Naho ku ibirebana n'ibintu ibyo aribyo byose Abayisilamu baba bavugaho cyangwa baganiraho, abavandimwe bacu b'Abasalafu bagomba kumenya ko kamere muntu akenshi ikunze kumuhata gufata umwanzuro ku ibirebana n'uko abona ibitekerezo by'abandi bantu, akenshi bikunze gushingira ku kuntu uwo muntu aba asanzwe abona ibintu mu bitekerezo bye bwite, ni ukubera iyo mpamvu rero, abemenyi b'Abasalafu bo mu bihe

byahise, usanga barafataga ibyemezo ku birebana n'ibyabaga byemerwa n'abayoboke b'izindi mazihebu, hashingiwe ku buryo abo bamenyi b'Abasalafu babaga bari basanzwe babona ibintu mu bitekerezo byabo bwite, ndetse banashingiye no ku buryo bwabo bwite babaga bakoze inyigo n'ubusesenguzi ku bintu byabaga byemerwa n'izo mazihebu zindi, kandi ibyo byose babikoraga bashingiye ku mitekereze bwite yabo; kandi gufata imyanzuro hashingiwe kuri buriya buryo tumaze kuvugaho, hari ukuntu bituma iyo myanzuro ifatwa ityo, ikunda kugaragaramo amakosa n'inenge by'uburyo bumwe cyangwa ubundi; bitewe nuko hari igihe umumenyi runaka w'Umusalafu yashoboraga gufata umwanzuro runaka ku imyemerere ya mazihebu runaka, abitewe nuko hari ukuntu yashoboraga kuba adasobanukiwe neza imyemerere y'izo mazihebu zindi, cyangwa akaba yarashoboraga

gufata umwanzuro nk'uwo wabaga upfuye, abitewe n'uko nawe ubwe yashoboraga kuba afite imitekerereze ipfuye, cyangwa akaba yarashoboraga kuba yarabiterwaga n'uko wenda yabaga asobanukiwe ku kibazo runaka cy'idini mu buryo bwabaga bupfuye.

Kandi hari ubwo umumenyi w'Umusalafu yashoboraga gufata umwanzuro ku igitekerezo cyangwa igikorwa cy'umuntu ku igiti cye, ariko kubera ko uwo muntu yabaga ari umuyoboke w'indi mazihebu, umwanzuro nk'uwo akaba ari nawo yafataga ku ibikorwa n'ibitekerezo byose by'abandi bantu babaga bahuje mazihebu n'uwo muntu, cyangwa hari ubwo umumenyi nk'uwo yafataga umwanzuro ku bitekerezo runaka, ashingiye ku kuntu abantu babonaga cyangwa bafataga ibintu mu gihe cyabo, ku buryo muri iki gihe cya none ubu turimo kunyuramo, bitakiri ngombwa ko Abasalafu bakabaye bakigendera ku imyanzuro yafashwe

nabo bamenyi babo bo mu bihe byahise, kandi uko ibintu byari bimeze muri kiriya gihe cyabo, hari ukuntu muri iki gihe cyacu byahindutse cyane ku buryo bugaragara, bityo rero izi mpinduka zagiye zibaho, zari zikwiriye gutuma abamenyi b'Abasalafu bo muri iki gihe cyacu, bashyira ubwenge ku igihe, bagasuzuma bundi bushya ibitekerezo n'imyitwarire by'Abashiya bo muri iki gihe cyacu, kubera ko ibyo aribyo byabashoboza gukosora amakosa amwe na mwe yagiye akorwa n'abamenyi babo bababanjirije.

Reka dutange urugero rukurikira: Mu bihe byahise, ishuri ryayobokwaga n'abamenyi benshi b'Abashiya, ni ishuri rizwi kuzina (Ikhibariyah), kandi abayoboke b'iri shuri bakaba baremeraga ko ngo Hadithi zose zanditswe mu bitabo bine bikurikira: (al-Kafi, cyanditswe na Kulayini mu mwaka wa 329, Man layahdururh al-fakih, cyanditswe na Saduku

mu mwaka wa 381, Tahazibu na Istibsari, byanditswe na Tusi, mu mwaka wa 460), ko ngo izo Hadithi zose zari ukuri, ariko iryo shuri ryaje gukendera, ndetse ku buryo ryari hafi yo gusenyuka burundu ahagana mu kinyejana cya gatatu. Andi matwara yari yaramamaye mu Bashiya muri icyo kinyejana cya gatatu, ndetse akaba akiraho kugeza no kuri uyu munsi, ni amatwara agendera ku ishuri rya Usuuli, ishuri ryigisha ko Hadithi zose zanditswe muri biriya bitabo, ziba zigomba gukorwaho inyigo, n'ubusesenguzi, kugira ngo ukuri kurebena n'ibizivugwamo byose gushyirwe ahagaragara.

Ikindi kintu twatangaho urugero, ni ikintu Abashiya bo mu minsi ya none bateye umugongo, bakaba batakigihuriyeho n'Abashiya bo mu bihe bya kera, kandi icyo kintu gikunze gushingirwaho n'abayoboke ba mazihebu ya Ahal-Suna na Salafu, bagaya ndetse bananenga

imyifatire y'Abashiya, icyo nacyo kikaba ari uko ngo Abashiya bakunze kuvuga amagambo aba atari meza ku bakhalifa batatu (Hadrat Abubakari, Hadrat Omari na Hadrat Uthumani), nubwo koko iki kintu Sunni na Salafu banenga Abashiya, umuntu yashobora kukibona mu bitabo by'Abashiya bakera, kandi abo Bashiya bakera bakaba bashobora kuba baragikoraga babitewe n'ubuzima babaga barimo kunyuramo muri biriya bihe byabo, igihe bari babayeho batotezwa n'abayoboke ba mazihebu ya Suni, ariko ubwo buzima Abashiya bari babayeho buri biriya bihe, bukaba bufite ukuntu butandukanye cyane n'uko Abashiya bo muri iyi minsi ya none babayeho, dufatiye uregero nk'Abashiya bo muri Irani, kandi bamaze igihe kingana na hafi ya kimwe cya kabiri cy'imyaka igize ikinyejana kimwe, bari munsi y'ubutegetsi buri mu maboko y'abamenyi b'idini b'Abashiya, kandi igihugu cyabo ni kimwe mu bihugu

bizwiho ko bifite imbaraga nyinshi cyane mu rwego rwa gisirikare no murwego rw'ubukungu mu karere ko mu Burasirazuba bwo hagati, ariko hamwe n'ibyo byose, ibitangazamakuru byabo, ibiganiro mbwirwa ruhame bicishwa mu bitangaza makuru byaho, ndetse n'ibiganiro bitangwa n'abayobozi babo iyo bahuye n'abaturage, ntiwashobora kubyumvamo cyangwa ngo ubonemo ikintu kibi icyo aricyo cyose cyaba gifite ukuntu kivuga nabi bariya bakhalifa batatu, yewe no mu bihe Irani yari irimo kurwana na Iraki, ntibigeze bakora ikintu nk'icyo.

Cyo kimwe nk'imyitwarire y'Abashiya bo muri Lebanon, ari nabo bafite imbaraga zo mu rwego rwa gisirikare muri icyo gihugu ku buryo bugaragara, ndetse no kurusha Leta nyirizina y'icyo gihugu, ndetse hanashingiwe no ku buryo igihe barwanaga n'umwanzi wabo- ingabo za Isiraheri, batahukanye intsinzi yo mu rwego

rwa gisirikare, ku buryo bwari buhambaye cyane, ariko ibitangazamakuru byabo harimo n'ikinyamakuru kizwi ku izina rya Al-Manar, nta gihe na kimwe byigeze bivugirwamo

amagambo mabi yabaga agamije konona izina ry'abakhalifa batatu (Hadrat Abubakari, Hadrat Omari na Hadrat Uthumani), abakhalifa bubahwa cyane bakanakundwa cyane na Ahal-Suna, cyangwa ngo bibe byaravugiwemo amagambo mabi yabaga agamije konona izina ry'abasahaba bubahwa na Ahal-Suna, cyangwa ayabaga agamije konona izina ry'abagore b'intumwa y'Imana, bazwi ku izina ry'Ababyeyi b'abemeramana.

Ibi byose ni ibintu bigaragaza neza cyane ko urwego Abashiya bo muri iki gihe cya none bagezeho, rwamaze kurenga kure ibyo Ahal-Suna bo mu gihe cyahise bahoraga bitwaza kugira ngo babone aho bashoboraga guhera

barwanya Abashiya bakanabasebya. Icyo umuntu atabura kuvuga aha, nuko nubwo hari Abashiya bamwe na bamwe bashobora kuba bakigendera ku bitekerezo bya kera, ntabwo ibyo bintu abo Bashiya bake batyo bakora, byakwitirirwa Abashiya bose muri rusange,ku buryo Abashiya bose bashyirwa mu gatebo kamwe muri rusange kubera impamvu nk'izo zitakijyanye n'igihe.

Ibi bintu byose n'ibindi nkabyo, byari bikwiriye kuba byatuma Abasalafi bo muri iki gihe cyacu bashyira mu gaciro, bakemera gufata umwamya wabo bakawukoresha mu gutekereza bundi bushya ku buryo bakabaye bafata Abashiya, no ku buryo bakwiriye kubana nabo no gukorana nabo, ndetse ibyo bakanabikorera n'abayoboke ba Suni na Ibadhi, kubera ko ibyo byabafasha gushobora kurenga imyitwarire itari myiza ikomeje kubaranga, igaragaramo

umuco wo gukabya nuw'ubutagongwa, umuco mubi bahora berekeza ku bayisilamu baba badahuriye kuri mazihebu imwe, cyangwa no ku bandi bantu baba badahuje ibitekerezo nabo, kandi ibyo byabafasha kurangwa n'umuco wo kwihanganira abandi bantu, nk'uko abo Bayisilamu bandi, ndetse n'abandi bantu, nabo babihanganira.

GUSHISHIKARIZA ABAYOBOKE B'AMADINI ATANDUKANYE KUBANA MU MAHORO, MU BUMWE NO MU BWUMVIKANE, MU MWANYA WO GUSHAKA GUHURIZA AMADINI ATANDUKANYE MU RUGAGA RUMWE

Kugerageza guhuriza amadini, amatorero, na za mazihebu bitandukanye mu rugaga rumwe, nta gihugu na kimwe mu mateka y'isi icyo kintu kitageragerejwemo, haba mu mateka ya cyera cyangwa haba muri ibi bihe bya none. Ariko buri uko byabaga bikozwe, byarangiraga nta kintu na gito abantu babaga babigeregeje bashoboye kugeraho, kubera izi mpamvu ebyiri zikurira: Impamvu ya mbere ituma nta kijya kigerwaho muri uru rwego, ni uko amateka agaragaza ko guhuza amadini ngo ase nk'akorera mu rugaga rumwe mu buryo buba buzira amacakubiri ayo ariyo yose, ari ikintu kidashoboka, uko ninako utafata abantu bose baba bavuga ko bahuriye

ku imyemerere imwe ya Gikrisito, ariko bakaba baba barizwa mu matorero atandukanye ngo nubahuriza mu rugaga rumwe, wibwire ko bazigera bashobora kuvuga rumwe ku bintu byose, cyangwa ngo n'ufata mazihebu z'Abayisilamu zose ukazashyira mu rugaga rumwe, ngo wibwire ko abo Bayisilamu bose bazigera bumvikana ku bintu byose.

Niba mu idini rimwe cyangwa mu itorero rimwe, cyangwa muri mazihebu imwe, hajya habaho amacakubiri, byashoboka bite ko wahuza amadini atandukanye, cyangwa amatorero atandukanye, cyangwa mazihebu zitandukanye, ngo wibwire ko iryo huriro cyangwa urwo rugaga, bizarangwamo ubumwe n'ubwumvikane ku buryo bugaragara? Iki kintu tuvuzeho aha, amateka niyo yonyine yatubera umuhamya, ko mu bihe byahise kitigeze gishoboka kubaho, kandi ko no mubihe bizaza

kitazigera gishoboka kubaho, kandi ibi ni nabyo byemezwa na Kor'ani muri uyu murongo ukurikira:

وَلَوْ شَاءَ رَبُّكَ لَجَعَلَ النَّاسَ أُمَّةً وَاحِدَةً وَلَا يَزَالُونَ مُخْتَلِفِينَ

(Kandi iyo Allah Umwami n'Umugenga wawe aba yarabishatse, aba yarafashe abantu bo ku isi bose akabahuriza mu kwemera kumwe, [ariko kubera ko ibyo Allah atabishatse], ubwo bivuze ko abantu bazakomeza kubaho babarizwa mu imyemerere [y'amadini] itandukanye. Kandi uko niko bizahora, kubera ko n'ubundi [Allah] arema abantu [yabahaye umudendezo wo kwihitiramo ibyo baba bashaka gukora, n'ibyo baba bagomba kubaho bemera, cyangwa batemera]). (Kor'ani 11: 118)

Icyakabiri:

Ingaruka mbi ziterwa no gushaka kugerageza guhuriza hamwe amadini yose, cyangwa amatorero yose, cyangwa mazihebu zose, ngo abayoboke babyo bose bakorere mu bumwe, nk'abantu baba bari mu rugaga rumwe, nuko hari igihe kigera maze ugasanga buri torero cyangwa buri dini cyangwa buri mazihebu, byumva ko biba bifite inshingano yo gukora ibishoboka byose, bigahatira abayoboke b'ayo madini, cyangwa amatorero, cyangwa mazihebu, kugendera ku murongo wabyo mu rwego rw'imyemerere, kandi ugasanga bibwira ko ngo abantu bose baba bagomba kwemera ibyo baba bemera, cyangwa ko baba bagomba kutemera ibyo nabo baba batemera, kandi usanga buri dini cyangwa buri torero cyangwa buri mazihebu, biba byibwira ko biba bifite uburenganzira ntakuka, bwo kwemeza abandi baba bafite imyemerere iba itandukanye n'iyabo

ko aribyo byonyine biba bifite. Ubutungane mu myemerere yabo, naho ko ngo ibindi byose byo, ngo abayoboke babyo baba barimo kugendera mu inzira y'ubuyobe, bityo rero ibyo biba byibwira ko ngo aribyo biba bifite ubutungane mu imyemerere yabyo, bikaba biba byumva ko ngo bifite inshingano yo guhindura ibyo bigenzi byabyo bindi, bagarurira abayoboke babyo ku ruhande rwabyo.

Nubwo hajya habaho ibiterane byinshi n'inama mpuzamadini nyinshi, biba bigamije kugerageza guhuriza hamwe abayoboke b'aya madini yose, mu rwego rwo gushaka ko biramutse bishobotse, basa nk'abakorera mu rugaga rumwe, amateka nta kindi yashoboye kugaragaza ku ibirebana n'uyu muhate abakuru b'amadini bashyira muri iyo gahunda, uretse gusa ko agaragaza ko ibyo ntacyo bijya bigeraho, ngo bishobore gusenya urukuta rutuma amadini atandukanye,

abayoboke bayo babaho ntaho bajya bahurira na bagenzi babo bo mu yandi madini, kandi uretse n'amadini atandukanye, iyo gahunda ntijya ishobora gusenya urukuta rutuma abayoboke ba mazihebu zitandukanye cyangwa b'amatorero atandukanye, baba bahuriye ku kuba abayoboke b'idini rimwe cyangwa ku imyemerere imwe, ngo bashobore gukorera mu bumwe.

Hari impamvu nyinshi zituma ibyo bitajya bigerwaho, kandi igitera izo mpamvu kubaho ni ikintu gifatika, kandi biranashoboka cyane ko na bamwe mu bantu baba bafite imyanya ikomeye muri ayo madini, amatorero cyangwa mazihebu, batari bashobora kugisobanukirwa, cyangwa ngo babe baakivugaho ku mugaragaro, kubera ko wenda baba bafite ubwoba ko ibyo nibabikora, hari abandi bantu baba bazavuga ko aribo barwanya ubumwe ubundi buba bwakabaye bugaragara hagati y'abayoboke b'amadini,

amatorero cyangwa mazihebu bitandukanye, kandi buba bugamijwe kugerwaho muri uyo gahunda iba igamije guhuriza hamwe amadini, amatorero na za mazihebu byose! Ipfundo ry'ikibazo ryubakiweho n'ibindi bibazo byose bibuza imikorere yo muri uru rwego kugerwaho hagati y'abayoboke b'amadini, amatorero, na za mazihebu, ni iri rikurikira:

Njye uko mbibona mu bitekerezo byanjye, mbona ko impamvu nyamukuru ituma amadini, amatorero na za mazihebu bitandukanye bitajya bishobora kwihuriza hamwe ngo bibe byakorera mu rugaga rumwe nta rwikekwe cyangwa kwishishanya cyangwa amakimbirane biri hagati yabyo, nuko buri dini cyangwa buri torero cyangwa buri mazihebu, amahame yabyo ngenderwaho kandi biba byemera ku buryo budasubirwaho, ku buryo kuba abantu bagerageza kubihuriza

hamwe, ngo babikuremo ikintu cyaba kimeze nk'umuryango umwe, waba ugizwe n'abantu baba bakorera mu bumwe butagira inenge iyo ariyo yose, ari ikintu kitashoboka, kubera buri dini cyangwa buri mazihebu, cyangwa buri torero, biba bifite amahame yabyo ku buryo bw'umwihariko, bitapfa kwemera kuzibukira, ngo bitangire kugendera ku bindi bintu byaba byemeranyijweho hagati yabyo byose.

Kandi nta nubwo twakwiyibagiza ko inyigisho ndetse n'amahame aya madini cyangwa aya matorero cyangwa izi mazihebu bigenderaho, hari ukuntu biba bitandukanye cyane, cyangwa ubundi ugasanga hari ukuntu biba binavuguruzanya. Iyi niyo mpamvu nyamukuru ituma amadini nk'aya cyangwa amatorero nk'aya ndetse na mazihebu nk'izi, biba bidashobora kwihuriza hamwe, ngo bikorere mu rugaga rumwe, kubera ko kuba umuyoboke w'idini runaka, cyangwa w'itorero runaka

cyangwa wa mazihebu runaka, uwo muyoboke w'iyo dini cyangwa itorero cyangwa

mazihebu, yagira ibintu bimwe na bimwe yemera kuzibukira mu imyerere n'amahame by'idini ye cyangwa itorero rye cyangwa mazihebu akabishyira iruhande akabitera umugongo, kandi aba yari asanzwe abyemera cyangwa abigenderaho mu myemerere ye, agamije kugira abandi bantu yiyunga nabo, kandi nabo ubwabo baba bafite imyemerere yabo yihariye, baab batiteguye kuzibukura ngo batangire kwemera no kugendera ku ibyo baba bemeranyijweho, kubera ko uwo muntu icyo kintu yemeye kugikora, byarangira mu idini rye cyangwa mu itorero rye, cyangwa muri mazihebu ye, afashwe nk'umuhakanyi cyangwa umugambanyi, hashingiwe ku mahame remezo y'imyemerere ye aba asanzwe agenderaho- kandi imikorere nk'iyi ntakabuza

ko byarangira iteje akaduruvayo n'ibibazo muri uwo muryango mushya baba bashatse kurema.

Dufate urugero ku ibirebana n'urwego rw'amadini, mu bihe byahise, hari ibihe byinshi abantu bagiye bagerageza gushaka ukuntu abayoboke b'idini ya Isilamu bari kurushaho kwegerana n'abayoboke b'imyemerere ya Gikrisito, ariko buri uko babigeragezaga, byarananiranaga, na cyane cyane bitewe n'ukuntu Abakrisito bafata Yezu nk'Imana, kandi Abayisilamu bo bakaba atariko bamufata. Mu imyemerere ya Gikrisito, harimo inkuru ivuga ko Yezu yishwe n'Abaromani, kandi ko bamwishe bakoresheje kumubamba ku musaraba, iyo nkuru kandi ikomerezaho ikavuga ko ngo nyuma yo kumwica yahambwe, na nyuma yaho ngo akaba yarazutse, na nyuma yo kuzuka ngo akaba yaravuye mu imva ye akabonana n'intumwa ze ndetse bakanavugana,

ivuga kandi ko ngo nyuma yo kubonana n'intumwa ze yazamutse akajya mu ijuru, kandi ngo akiri ku isi, ubuzima bwe bwose yabayeho ku isi nta muntu w'igitsinagore (Yezu) yigeze ahura nawe ngo babe barabanye nk'umubagabo n'umugore, kandi ikigaragara ni uko imyemerere nk'yi Abakrisito batakwemera kuyizibukira ng bayitere umugongo.

Naho muri Isilamu kuba Yezu ngo atarabambwe, cyangwa ngo abe atarishwe, kandi akaba ari umuntu nk'abandi bantu, Allah yazamuye akamujyana mu ijuru, atabanje kugirirwa nabi n'Abaromani, ibi nabyo ni bimwe mu bintu bigize amahame y'imyemerere ya Isilamu ku ibirebana n'uko Isilamu ibona ikanafata Yezu Krisito, kandi uburyo Abayisilamu bemera ibi bintu, ntabwo bapfa kubizibukira ngo bagire ibindi byaba binyuranye nabyo bakwemera mu mwanya wabyo, kubera impamvu iyo

ariyo yose, kabone niyo hagati y'Abakrisito n'Abayisilamu haba hakozwe inama yaba iteye ite, yaba igamije kurushaho kwegeranya. Abayisilamu n'Abakrisito. Muri Kor'ani Allah yaravuze ati:

وَقَوْلِهِمْ إِنَّا قَتَلْنَا الْمَسِيحَ عِيسَى ابْنَ مَرْيَمَ
رَسُولَ اللَّهِ وَمَا قَتَلُوهُ وَمَا صَلَبُوهُ وَلَٰكِن
شُبِّهَ لَهُمْ وَإِنَّ الَّذِينَ اخْتَلَفُوا فِيهِ لَفِي شَكٍّ
مِّنْهُ مَا لَهُم بِهِ مِنْ عِلْمٍ إِلَّا اتِّبَاعَ الظَّنِّ ۚ وَمَا
قَتَلُوهُ يَقِينًا بَل رَّفَعَهُ اللَّهُ إِلَيْهِ وَكَانَ اللَّهُ
عَزِيزًا حَكِيمًا

(Bigamba bavuga bati: "Nitwe twishe Mesiya Yezu [Isa] mwene Mariya wari intumwa y'Imana!" Ariko mu by'ukuri ntibigeze

bamwica, kandi ntibigeze bamwica, ahubwo mu by'ukuri babambye [kandi bishe] undi muntu bari bibeshye ko yari [Yezu]. Ari abatavuga rumwe ku ibyabaye kuri [Yezu, ari n„Abayahudi bigamba ko ngo aribo bamwishe, cyangwa ari n'Abakrisito bemera ko ngo yabambwe ngo akaba yaranishwe n„Abayahudi], aba bose nta kuri bafite [ku ibirebana n'ibyo bemera], ahubwo ibyabo bishingiye ku gushidikanya gusa, nta makuru y'ukuri babifiteho, uretse gusa ko [ibirebana] nawe babyemera mu buryo bwo gukekeranya gusa, kandi mu by'ukuri, ntan„abigeze bamwica. Ahubwo icyabayeho ni uko Allah ubwe yazamuye [Yezu], akaba yaramujyanye [muri ririmwe mu majuru] ye; kandi Allah ni Azizun [Uhambaye kandi akaba anafite ububasha buhebuje ku bintu byose], Hakiimun [Isoko y„ubwenge n„ubuhanga). (Kor'ani 4: 157- 158).1

1. GUSESENGURA: UMUNTU WABAMBWE N'ABAYAHUDI NIWE ABAKRISITO BAVUGA KO YARI YEZU

Ibivugwa muri iyi murongo w'i 157 – 158 wo mu Sura ya 4, bikubiyemo ibintu byinshi, ariko ikingenzi cyane muri byo kurusha ibindi, ni iki gikurikira: Ko mu by'ukuri Abayahudi batigeze bica Yezu Krisito kandi ko batigeze bamubamba, ahubwo ko Allah yamuzamuye, nta n'umuntu n'umwe wari wigeze agira icyo amukoraho, kandi ko umuntu wishwe akaba yaranabamwe, atari Yezu, ahubwo nyine ko yari undi muntu, abakoze icyo gikorwa cyo kwica bitiranyije na Yezu, kandi ibi Kor'ani ibivugaho ku buryo busobanutse neza. Ikibazo kijyanye nuko ngo Yezu ashobora kuba yarabambwe, amadini menshi atandukanye

ntakivugaho rumwe, uhereye ku bakurikira imyemerere ya Kiyahudi, ukageza no ku Abakrisito, Kor'ani yaje igaragaza ukuri nya kuri ku ibirebana n'icyo kintu ayo madini yombi atavugaho rumwe, kandi Kor'ani yatesheje agaciro ibi bintu Abayahudi n'Abakrisito batajya bavugaho rumwe birebana na Yezu, uretse ko hari ibintu bimwe na bimwe byemerwa n'Abakrsito Kor'ani itigeze igira icyo ivugaho, bitewe nuko kugira icyo ibivugaho bitari ngombwa. Amagambo asa nk'afite uburemere yavuzwe ku ibirebana no kubambwa kwa Yezu, tugiye kuyagaragaza rimwe nyuma y'irindi, hanyuma turaza gusoza tugaragaza amwe n'amwe muri ayo magambo ashingiye ku kuri:

1. Yezu yarabambwe aranicwa, aya ni amagambo avugwa n'Abayahudi bose muri rusange, ndetse n'Abakrisito, kuva kera kugeza no muri iyi minsi ya none. Kor'ani yavuze ko ibyo Abayahudi bavuze ko ngo aribo bishe Yezu, byari ikinyoma, kandi Imana yabashyizeho umuvumo wayo kubera icyo kinyoma bavuze. Abakrisito nabo mu intangiriro z'imyemerere yabo ntibigeze bakivugaho rumwe. Ikigaragara nuko kuva no mu binyejana bya kera, hari amadini menshi ya Gukrisito yigisha abayoboke bayo kwemera ko Yezu atigeze abambwa ku musaraba

2. Yezu Krisito yarabambwe, ariko ntiyigeze yicwa. Kandi iki ni ikintu cyavuzwe kuva cyera cyane, ariko no kugeza na magingo aya, ibirebana nacyo hari abantu bakibyemera nk'ukuri, kandi ibi

ni nabyo byemerwa n'abayoboke b'idini y'Abakadiyani (Ahmadiya), aba bose bemera ko ngo Yezu yabambwe, ariko ko atapfuye ahubwo ko kubera ko yari yabambwe yabaye nk'ugwa igihumure, ariko nyuma yaho akaba yarazanzamutse akaba muzima, kandi ibyo bikaba aribyo byatumye hari abantu baketse ko ngo mu by'ukuri yapfuye. Aho hantu yari yazahariye ku musaraba, hari igihe cyageze maze haza abantu bawumukuraho baramwiba, bakaba baramujyanye ahandi hantu hari kure yaho, aho hantu ariho yaje kuzanzamukira, yongera kubaho ubuzima busanzwe nk'abandi bantu, na nyuma yaho yaje gupfa atwawe n'urupfu rusanzwe nk'uko bijya bigenda ku bandi bantu! Ibyo kuba ngo Yezu yarabambwe, akaba yaranishwe, ibyo Kor'ani ibihakana yivuye inyuma, bityo rero hashingiwe ku

ibivugwa na Kor'ani, ikigaragara ni uko Yezu atigeze yicwa, kandi ko atigeze anabambwa.

3. Nyuma y'uko Allah yari yamaze kuzamura Yezu yamukuye ku isi, Abayahudi baramubuze, ibyo byatumye bafatirana uko kuburirwa irengero kwe, maze bakwirakwiza inkuru hirya no hino ko bafashe Yezu baramubamba, hanyuma anapfira ku musaraba. Kandi ibi niko bivugwaho mu gitabo cy'ubutumwa bwiza cyanditswe na Yohana (7: 34- 35), (Muzanshaka ariko ntimuzambona,

4. Ariko ntimuzambona, kandi aho nzaba ndi hose, ntimuzashobora kuhaza, nuko Abayahudi barabazanya bati: "Uyu muntu arashaka kujya he ku buryo tutazamubona? Mbese arashaka kujya mu Bayahudi batataniye mu Bagiriki no

kwigisha abo Bagiriki?") Ariko igisubizo umuntu yatanga kuri iki kibazo Abayahudi bibazagaho, ntabwo kigaragaza ko Abayahudi batigeze babamba umuntu uwo ariwe wese. Kor'ani ivuga ko hari umugabo babambye bakaba baranishe, bitewe n'uko abari bamufashe bamwibeshyeho ko ariwe wari Yezu.

5. Yuda umuntu wari umwe mu bantu bari abigishwa ba Yezu, birashoboka cyane ko abantu bari abigishwa ba Yezu bashatse ko ariwe wagombaga kuba igitambo cya Yezu, igihe babwiraga abari baje gufata Yezu ko uwo Yuda ariwe Yezu nyirizina abo basirikare bari baje bashakisha ngo bamufate. Ibyo byatumye Abayahudi bari babambye Yuda, batangariza abantu ko ari Yezu bari babambye. Inkuru yakuwe kuri Ibn Abbas, kandi ibyo yavuze byanavuzwe na Musilimu mu igitabo cye,

kandi byanavuzwe na Abu Hatim abikuye kuri Abu Muawiya, uyu nawe yari yabikuye kuri Minhal bin Amr, nk'uko uyu nawe yari yabikuye kuri Said bin Jubair, kandi uyu nawe yari yarabikuye kuri Ibn Abbas, kandi ibirebana n'iki kintu tuvuzeho aha, bavuze ko bari barakibwiwe n'Umuyahudi wari warinjiye Isilamu. Kandi bivugwa ko ngo ibivugwa muri iyi nkuru byari byaranditswe mu igitabo cy'Ivanjili cyanditswe na Tomasi, igitabo gishobora kuba cyaranditswe mu mwaka w'i 140 nyuma y'ivuka rya Yezu, ariko iki gitabo Abakrisito benshi bo muri iyi minsi ya none ntabwo bacyemera nka kimwe mu bitabo bya Bibiliya.

6. Ivanjili ya Barinaba (112: 15) ivuga ko ngo Yezu Krisito yari yaravuze ko ngo yari kuzabaho kugeza igihe isi izagera ku iherezo ryayo, kandi ngo yari yaravuze

ko malayika Jiburiri [Gaburiheri] yari yaramubwiye ko yari kuzagambanirwa n'umwigishwa we witwaga Yuda. Icyo gihe Yezu Krisito yabwiye abantu ko Allah yari kuzamuzamura akamukura ku isi, kandi ko Allah yari kuzahindura isura ya Yuda wari wari kuzaba yamugambaniye, ku buryo abari kuzaba baje gufata Yezu, byari kuzarangira bafashe Yuda, maze akaba ariwe bica. Icyabayeho nuko Abayahudi bari baje gufata Yezu ngo bamwice, babonye Yuda, maze bakaba baribwiye ko uwo Yuda ariwe wari Yezu, ku buryo Yuda ariwe bafashe, bakamubamba, agapfa bibwira ko ngo bari babambye Yezu. Nubwo ibivugwa muri iyi nkuru bitavuguruzanya n'ibivugwa muri Kor'ani, ariko bishingiye ku ibivugwa mu igitabo cy'Abakrisito, ubwo rero twe

nk'Abayisilamu, ntitubyemera kandi nta n'ubwo tubihakana ngo tube twavuga ko ari ikinyoma, kubera ko bidahabanye n'ibivugwa muri Kor'ani ndentse n'ibivugwa muri za Suna, n'ubwo Ivanjili yanditswe na Barinaba ariyo ivuga ukuri kurusha ibivugwa mu Ivanjili yemerwa n'Abakrisito mu minsi ya none.

7. Abayahudi babambye umwe mu bantu babo, maze bavuga ko uwo muntu bari babambye yari Yezu Krisito mwene Mariya, kugira ngo bashobore kumvisha abantu ko bari bashoboye kwica umuntu bafataga nk'umwanzi wabo, nyuma y'uko Allah yari yatumye intumwa ye Yezu, icyo gihe kandi ikaba yarabaciye mu myanya y'intoki ikarokoka.

8. Ibitabo by'Ivanjili bikoreshwa n'Abakrisito mu minsi ya none, bivuga ku

buryo budashidikanywaho ko abantu baje gufata Yezu, batari bazi isura ye, bityo rero kugira ngo bashobore kumumenya ngo bamufate, bikaba byarasabaga ko Yuda wari wamugambaniye abaha ikimenyetso cyari gutuma bashobora kumenya uwo Yezu yari we. Ivanjili yanditswe na Mariko (14: 44- 46) haravuga ngo: (Uwo mugambanyi yari yabahaye ikimenyetso bari bumvikanyeho, ati: "Uwo ndi busome niwe uwo, mumufate mumujyane ntabacike. Araza ahita asanga Yezu, aramwegera, aramubwira ati: "Rabi, Rabi! Maze aramusoma. Nuko afata Yezu maze baramujyana"). Ivanjili yanditswe na Yohana ibivuga ku buryo busobanutse nza cyane, mu Ivanjili yanditswe na Yohana (18: 3-5) haravuga ngo: (Nuko Yuda afata igitero cy'abasirikare, n'abarinzi b'urusengero

bari batumwe n'abakuru b'abatambyi n'Abafarisayo, bajyayo bitwaje imuri, amatara n'intwaro, kubera ko Yezu yari azi ibintu byose byari bigiye kumubaho, yigira imbere arababaza ati: "Murashaka nde?" Baramusubiza bati: "Ni Yezu w'Inazareti" Arababwira ati: "Ni njyewe." Icyo gihe Yuda wamugambaniraga yari ahagararanye nabo).

Kor'ani ivuga ku buryo bushimangiye ko abishe Yezu batari basobanukiwe neza uwo yariwe nuko yasaga. Ijambo /Shubiha lahum/ ryakoreshejwe muri Kor'ani rivuga ku ibyabayeho igihe bari baje gufata Yezu, risobonuye ko ngo bafashe umuntu batekerezaga ko ariwe wari Yezu, bityo rero umuntu bafashe bakamubamba ndetse bakaba baranamwishe, atari Yezu.

Naho ku ibirebana n'amatorero atandukanye agendera ku imyemerere ya Gikrisito, na za mazihebu zitandukanye zigendera ku imyemerere ya Kisilamu, birazwi ko hari imivu y'amaraso yagiye itemba, bitewe n'ubushyamirane bwabaga buri hagati ya Kiriziya gaturika (Catholic Church), n'andi matorero ya Gikrisito, na cyane cyane hagati ya Kiriziya Gaturika n'Abaporotesitanti (Protestant Church). Mu gihe Abaporotesitanti bo bavuga ko ngo kugira ngo umuntu ashobore kubona agakiza, biterwa nuko uwo muntu aba yemeye ko ari umunyabyaha, ibyo byaha bye akabyicuze ndetse akanabyihana, maze ngo kuva icyo gihe agatangira kwemera ko Yezu aba abaye umwami n'umukiza we, naho Kiriziya gaturika (Catholic Church) yo, abayoboke bayo bemera ko ngo hariho uburyo bwinshi bwo kuboneramo agakiza, kandi ko bumwe muri ubwo buryo, ari igihe umuntu aba abatijwe.

Nubwo hagati y'amadini n'amatorero bya Gikrisito, hari ukuntu hakunze kugaragaramo kujya impaka no kutavuga rumwe ku bintu bitandukanye, ku ibirebana n'ibyo bavuga ko bemera, ikigaragara nuko nta mbaraga zihagije zijya zishyirwa mu gushaka gukemura icyo kibazo ngo Abakrisito bose bavuge rumwe ku ibirebana n'ibyo bemera, iki kibazo kikaba aricyo cyatumye abantu bo ku mugabane w'isi w'Uburaya, bafata icyemezo cyo gukemura iki kibazo gikomeye cyane gitya, badakoresheje gukora ibyashoboraga kuzana ubumwe n'ubwumvikane hagati y'amadini n'amatorero bya Gikrisito, ku ibirebana n'ibyo bavuga ko bemera, ahubwo bakaba barabikoze bifashishije gushaka guhuriza ayo madini yose mu rugaga rumwe, icyo bakunze kwita za Forumu, cyangwa bakoresheje gushishikariza amatorero amwe ya Gikrisito kugira ibyo azibukira mu imyemerere yayo, n'andi nayo akagira ibyo

azibukira, kugira ngo bashobore kurushaho kwegerana no kubana neza.

Pluralism Kubana mu mahoro, mu bumwe no mubwumvikane hagati y'amadini n'amatorero bitandukanye, nk'uko bigaragara mu intekerezo ya Samiri al-Khalili, ubwo yashakaga kugira icyo avuga mu igitabo cye yahaye umutwe ugira uti: (East-West Tolerance), ashaka kuvuga ko kubana mu bwumvikane, no mu busabane bikenewe cyane kugaragara hagati y'abayoboke b'amadini n'amatorero bitandukanye, n'ubwo ari kintu kiremerera abantu iyo bashatse cyangwa bagerageje kugishyiramu bikorwa, abantu baba bagomba kwemera ingorane zose n'ibibazo byose baba bashobora guterwa nacyo, byaba ngombwa bakemera kubana n'uwo mutwaro, ariko ntibacike intege. Nk'uko na none ibyo byavuzwe n'umufolozofe witwaga Eliot, igihe yasobanuraga ijambo ry'Icyongereza

rizwi nka (Tolerance), nk'uko abantu bo mu burengerazuba bw'isi barisobanura, igisobanuro cy'ukuri cy'iri jambo kijyanye n'uko abantu baba basanzwe bafite ibintu batavugaho rumwe, iyo bashatse gukemura icyo kibazo, buri umwe muri abo bantu aba agomba kugira ibintu bimwe na bimwe aba asanzwe yemera azibukira akabishyira iruhande, n'uwo mugenzi we wundi nawe akagira ibintu bimwe na bimwe aba asanzwe yemera, yemera kuzibukira akabishyira iruhande, n'ubwo abo bantu bombi baba babona ko kuzibukira ibyo bintu baba basanzwe bemera, hari ukuntu biba bitabaguye neza, kandi kugira ngo umuntu ashobore kubana n'icyo kibazo, bimusaba ko aba agomba kwihanganira kubuzwa amahoro n'ibyo bintu aba yari asanzwe yemera aba yemeye kuzibukora akabishyira ku ruhande, umuntu nk'uwo aba agomba kwemera ko hari ibintu bimwe na bimwe umuntu yemera

kuzibukira akabishyira ku ruhande ku bushake bw'umutima we, nk'uko ariko na none hari n'ibindi bintu umuntu yemera kuzibukira kubera amaburakindi.

Kwemera kubana muri ubu buryo bumaze kuvugwaho aha, bishatse kuvuga ko buri bayoboke ba buri dini cyangwa ba buri mazihebu, baba bagomba kwemera kuzibukira amahame remezo y'imyemerere yabo, aba atishimirwa n'abayoboke bandi madini, kandi bakemera guha rugari abayoboke bayo madini, cyangwa amatorero cyangwa izo mazihebu bindi, bagakomeza kugendera ku ibintu bimwe na bimwe baba basanzwe bemera, ntawe uhatiye undi kwemera kugendera ku imyemerere ye, mu bihe nk'ibyo abayoboke b'amadini atandukanye cyangwa amatorero na za mazihebu bitandukanye, baba bagomba kwihanganira kubana n'ibintu baba batishimiye

mu rwego rwo kugira ngo bashobore kugendera kuri gahunda imwe baba bahuriyeho bose, ibyo bikaba binatuma babana mu igihugu kimwe bunze ubumwe, kiba gihuriwemo n„abayoboke baba bafite amadini, amatorero, mazihebu n'imyemerere bitandukanye.

Niba twemera ko kugira ngo abantu bashobore kubana muri ubu buryo baba bumva ko baba bunze ubumwe mu buryo bwose, ari ikintu kitashoboka, bitewe nuko abantu bo mu madini atandukanye, n'amatorero atandukanye, na mazihebu zitandukanye, baba badashobora kugira ibyo bemera kuzibukira mu imyemerere yabo, ariko nubwo bimeze gutya bwose, ntakabuza ko abantu baba bagomba kwemera kubana mu bumwe no mu bwumvikane uko byagenda kose, bitewe nuko nta yandi mahitamo abantu bafite uretse ayo. Kandi abantu baramutse badahisemo gukora batyo,

icyabaho nuko byarangira barohama mu inyanja y'amaraso, nk'uko byigeze kubaho ku mugabane w'isi w'Uburaya, igihe ibihugu byo kuri uwo mugabane byari bituwe n'abantu bakundaga kubogamiraga cyane ku imyemerere y'amadini babaga babereye abayoboke.

Naho ku ibirebana na Isilamu, impamvu nyamukuru ituma dukora ibishoboka byose ngo abantu benshi cyane bishoboka bashobore gusoma no kubona ubutumwa bwanditswe muri iyi nyandiko, ni impamvu ishingiye ku ikibazo cya mazihebu ya Ahal-Suna yaje gucikamo mazihebu ebyiri zifite abayoboke benshi, izo mazihebu zikaba ari Salafu (Wahabi) na Ashiariyah, hamwe na Shiya, kandi izi mazihebu zombi (Suni na Shiya) nizo mazihebu zifite abayoboke benshi muri Isilamu, kandi amateka akaba agaragaza ko izi mazihebu zombi zabayeho zihanganye, kuva mu bihe

bya kera, kugeza magingo aya- izo mazihebu zombi zikaba ari urugero rufatika ku ibirebana na mazihebu zagerageje gukora ibintu byari gutuma zirushaho kwegerana no gukorera mu bumwe, dusanga buri mazihebu muri izi zombi ifite amahame iba yemera cyane, ku buryo aba ahagije kuburizamo umugambi uwo ariwo wose wageragezwa gushyirwa mu bikorwa kugira ngo abayoboke bazo barusheho kwegerana no gukorera mu bumwe, ahubwo ayo mahame atuma n'umuntu uwo ariwe wese wagerageza kurushaho kwegeranya no guhuriza mu bumwe abayoboke b'izi mazihebu zombi, ashinjwa ko aba ari umugambanyi n'abantu baba ari abadogimatike (dogmatic), ko aba abayeho agambanira mazihebu aba abareye umuyoboke! Ku buryo buri imwe muri izi mazihebu zombi, iba ishinja mugenzi wayo ko itesha agaciro Suna, kandi igendera kuri za Bidaa, n'ibindi nk'ibyo.